# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi


NO .E-34 | TARIKI 7 - 13 UKWAKIRA | 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU

Madamu Jeannette Kagame yashimiye FIGO yamuhembeye guteza imbere abagore



2

AMAKURU

Perezida Kagame yaganiriye n'Umuyobozi Mukuru wa Mastercard Foundation



10

AMAKURU

U Rwanda n'u Budage byasinyanye amasezerano y'inkunga ya miliyari 30,5 Frw



15

MUNTARA

Gakenke: Hatangiye kubakwa ibiraro 10 bizatwara miliyari 1.2 Frw



22


# U Rwanda ntirushishikajwe n'ikinamico rya Perezida Tshisekedi

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda yongeye guhamya ko idashishikajwe n'imyitwarire y'ikinamico ya Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, ukomeje kwigaragaza nk'ushaka amahoro kandi ari we nyirabayazana w'ibibazo by'umutekano muke mu gihugu ayoboye no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.***

Nyuma yo kwiyererutsa imbere y'Inama yahuriyemo na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame mu Bubiligi muri iki cyumweru, Perezida Tshisekedi yongeye kwihandagaza mu itangazamakuru avuga ko gusaba amahoro nk'umunyembaraga atari intege nke, bityo yizeye ko ibyo aheruka gusaba u Rwanda ruzagera aho rukabyumva.

Perezida Tshisekedi wiyambitse uruhu rw'intama, ni we wumvikanye mu bihe bitandukanye agaragaza umugambi wo gufasha urubyiruko rurwanya u Rwanda guhirika ubutegetsi buriho, ndetse no kugaba ibitero byubika Kigali yibereye i Kinshasa.

Nyuma yo kwigaragaza nk'intwari y'amahoro imbere y'abayobozi bamukomeye

KOMEZA KU RUP.3



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Amb Olivier Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rutari mu ikinamico rya Perezida Tshisekedi

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida wa Senegal ategerejwe mu Rwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika ya Senegal Bassirou Diomaye Faye, ategerejwe i Kigali mu Rwanda mu ruzinduko rw'akazi rugamije kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye.***

Ni uruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu yatumiwemo na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, biteganywa ko ruzahera ku ya 17-19 Ukwakira aho azakomereza i Nairobi muri Kenya.

Uru ruzinduko rukubiye mu myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa Kane tariki ya 09 Ukwakira 2025.

Ni uruzinduko rwa mbere Bassirou Diomaye Faye agiriye mu Rwanda, mu gihe kuva yajya ku buyobozi Perezida Kagame amaze kugirira uruzinduko rw'akazi muri Senegal inshuro ebyiri.



Perezida Kagame ari kumwe na Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye

Mu runzinduko rwa mbere rwa Perezida Kagame muri Gicurasi 2024, Abakuru b'Ibihugu bombi baganiriye ku kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'u Rwanda na Senegali mu nzego z'ingenzi zirimo ubukerarugendo, ubucuruzi n'imiyoborere.

Icyo gihe Perezida Bassirou Diomaye Faye wari kumwe na Minisitiri w'Intebe Ousmane Sonko, yakiranye urugwiro Perezida Kagame ku meza yo gusangira ibya nimugoroba.

Perezida Kagame na mugenzi we wa Sénégal kandi, baherukaga kuganira mu kwezi kwa Gashyantare uyu mwaka, ku kamaro k'ubufatanye bw'ibihugu bya Afurika mu gushaka ibisubizo birambye ku bibazo by'umutekano, bikunze kwibasira ibihugu byo kuri uyu Mugabane.

Mu mpera za Kanama 2025, Perezida Kagame na bwo yagiriye uruzinduko i Dakar muri Senegal, aho yari yitabiriye Inama Nyafurika yiga ku Ruhererekane rw'Ibiribwa, nyuma aza kwifatanya na Perezida Bassirou Diomaye Faye mu nama ihuza abayobozi b'urubyiruko bakora mu ruhererekane rw'ibiribwa n'ubuhinzi, baturutse mu bice bitandukanye by'Afurika.

U Rwanda na Sénégal ni ibihugu bifitanye umubano mwiza, ushimangirwa n'ingendo zagiye zikorwa hagati y'abakuru b'ibihugu ndetse n'abandi bayobozi muri Guverinoma.

Ambasade y'u Rwanda muri icyo gihugu yafunguwe mu 2011, ikaba yarizihije isabukuru y'imyaka 10 imaze itangiye ibikorwa byayo.

Ibihugu byombi kandi bifitanye amasezerano arimo ay'ubufatanye mu by'umuco yasinywe mu 1975, ay'ubutwererane rusange yasinywe mu 2004, ay'ishyirwaho rya komisiyo ihoraho ishinzwe kugenzura umubano w'ibihugu byombi yasinywe mu 2016 ndetse n'amasezerano y'ubufatanye ari hagati y'Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) na Radio Television Sénégalaise.

Muri iki gihugu cyo mu Burengerazuba bwa Afurika hariyo Abanyarwanda benshi batuyeyo, yaba abajyanywe n'amasomo ndetse n'abandi batuyeyo ku bw'impamvu zitandukanye.

# Madamu Jeannette Kagame yashimiye FIGO yamuhembeye guteza imbere abagore

Kamaliza Agnes

**Madamu Jeannette Kagame yashimiye Ihuriro Mpuzamahanga ry'Abaganga b'Inzobere bita ku Buzima bw'Abagore, (FIGO) kubwo iguhembo ryamuhaye cya 'FIGO Distinguished Recognition Award in Women's Health' kubera uruhare agira mu guteza imbere ubuzima bw'abagore n'abakobwa.**

Abinyujije ku rubuga rwe rwa 'X' kuri uyu wa Mbere, Jeannette Kagame yavuze ko ari iby'agaciro kuba yahawe icyo guhembo, avuga ko binyuze mu Imbuto Foundation n'abafatanyabikorwa bayo, byagaragaye ko gufasha abagore n'abakobwa bifasha bikanateza imbere sosiyete.

Yagize ati: "Ndashimira FIGO n'abandi bakora batizigamye kugira ngo ubuzima bw'umugore burusheho kubungwabungwa kandi bugire agaciro.Iki gihembo ngituye abagore n'abakobwa n'urubyiruko badahwema kudutera imbaraga mu rugendo."

Icyo gihembo akaba yaragiherewe i Cape Town muri Afurika y'Epfo ku mugoroba wo ku wa 05 Ukwakira 2025, mu nama Mpuzamahanga ya 25 ya FIGO, kikaba cyarakiriwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu, Emmanuel Hategeka.

FIGO yagaragaje ko mu myaka irenga 20 binyuze mu mishinga itandukanye, Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ubwitange bukomeye mu guteza imbere ubuzima n'uburenganzira bw'abagore n'abakobwa.

Madamu Jeannette Kagame akaba yarashyize imbere uburezi n'ubumenyi bw'abana b'abakobwa binyuze mu mushinga 'Imbuto Foundation', gushyigikira uburenganzira bungana hagati y'abahungu n'abakobwa mu mashuri, gushishikariza urubyiruko kuba umusemburo w'ibisubizo ku bibazo by'inda ziterwa abangavu n'ibindi bibazo bibugarije ndetse n'ibindi bikorwa bye by'indashyikirwa mu guteza imbere ubuzima bw'abagore n'abakobwa.

FIGO yamushimiye ko ubuyobozi bwe bw'icyerekezo bwagize uruhare rukomeye mu kwigobotora ibibazo, bugaragaza amahirwe n'agaciro k'urubyiruko, ndetse bugahindura uko Isi ibona uruhare rw'Abagore b'Abakuru b'Ibihugu mu mibereho myiza y'abaturage mu buryo bufatika.




Madamu Jeannette Kagame yashimiye FIGO yamuhembye kubera guteza imbere umugore

Yagize iti: "Iki gihembo ni ishema rikomeye kandi kirakwiye."

Ihuriro Mpuzamahanga ry'Abaganga bita ku Buzima bw'Abagore, (FIGO) rigizwe n'amashyirahamwe 142 yo hirya no hino ku Isi.

Ryaratangiye gutanga ibi bihembo mu 1997, ndetse kuva icyo guhe hakaba hamaze guhembwa abagore 178 ku Isi.

Rikaba rishinzwe guteza imbere no kurengera ubuzima bw'abagore ku iIsi hose, binyuze mu bikorwa n'ubushakashatsi bigamije kunoza serivisi z'ubuzima bw'imyororokere, ubuzima bw'ababyeyi n'abana, kurwanya imfu z'abagore bapfa babyara n'abana.





# U Rwanda ntirushishikajwe n'ikinamico rya Perezida Tshisekedi

IBIKURIKIRA URUP.1

amashyi i Buruseli, Tshisekedi yongeye kuvuga ko atitaye ku byo u Rwanda rwagaragaje ubuyobozi bwa RDC nk'ubudashaka amahoro kuko guhera mu 1999 hamaze gusinywa amasezerano y'amahoro, asaga 10 ariko yose akaba yarirengagijwe.

Perezida Tshisekedi we yafashe intambwe ikomeye yo kwinjiza abarwanyi b'umutwe wa FDLR mu ngabo z'igihugu ndetse anategura umugambi wo kugaba igitero ku Rwanda, ku bw'amahirwe uza kuburizwamo n'inyeshyamba za M23 z'Abanyekongo barambiwe imiyoborere mibi yimakaje ivangura, amacakubiri n'ubwicanyi bushingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside.

Mu gihe yiyamamarizaga kongera kuyobora RDC, Tshisekedi yakomeje kwibasira u Rwanda n'abayobozi barwo, agera n'aho yita Perezida wa Repubulika Paul Kagame "Hitileri", ari na ho yashimangiye ko yiteguye gutangiza intambara ku Rwanda.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Amb Olivier Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rutari mu ikinamico rya Perezida Tshisekedi

Kuri ubu, yavuze ko atitaye ku byo u Rwanda ruvuga ko ibyo arimo ari ikinamico rigamije gusinziriza amahanga n'Abanyekongo badashaka kurwanira ukuri, ariko u Rwanda na rwo rusubiza ko rutitaye ku rwenya akomeje gukina.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yongeye gushimangira ko Perezida Tshisekedi nadahinduka azategereza akaruha, kuko u Rwanda rutitaye kuri iryo kinamico.

Ati: "U Rwanda ntirushishikajwe no kugira uruhare muri urwo rwenya, rugenewe Abanyekongo n'abaterankunga mpuzamahanga bagisinziriye."

Ku rundi ruhande, Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko Amerika nk'umuhuza ari yo ikomeje gutegereza ko Perezida Tshisekedi yakwisubiraho ku cyemezo yafashe cyo kwanga amasezerano y'ukwihuza kw'Akarere mu by'Ubukungu (REIF) yari yamaze kwemezwa n'itsinda yohereje mu biganiro ku wa 3 Nzeri, ariko akaribuza gusinya ku munota wa nyuma.

Yavuze kandi ko abandi bategereje ko Perezida Tshisekedi yakwihana ari Qatar, icyihanganye igira ngo Tshisekedi akureho amananiza maze atere intambwe nzima mu biganiro bya Doha.

Ati: "Abategereje ni abahuza, izindi mpande zirebwa n'ibiganiro by'amahoro, ndetse n'Umuryango Mpuzamahanga, bose bifuza kubona Perezida Tshisekedi areka kurenga ku masezerano yo guhagarika imirwano no kureka kugaba ibitero by'indege nto zitagira abapilote ku basivili, kwibasira Abanyamulenge n'abandi Banyekongo b'Abatutsi, agasenya by'ukuri abajenosideri ba FDLR, agahagarika gukorana n'umutwe wahanwe n'amahanga wa Wazalendo, imvugo z'urwango n'imitwarire idahwitse ku Rwanda, kandi akareka gukorana n'abacanshuro kuko ari ukwica amategeko mpuzamahanga."

Imikoranire ya RDC n'abarwanya u Rwanda ntigarukira mu magambo gusa kuko yanagize ingaruka zirimo no gutwara ubuzima bw'abaturage.

Guhera mu mwaka wa 2019, ibitero byambukiranya imipaka no kuvogera ikirere cy'u Rwanda bimaze kurenga 20 bikaba birimo n'ibisasu byarashwe n'ingabo za RDC (FARDC) zifatanyije na FDLR ku butaka bw'u Rwanda muri Mutarama 2025, bigahitana abantu 16 abandi amagana barahakomerekera.

# Ingabo z'u Rwanda ziri muri Sudani y'Epfo zifatanyije n'abaturage kurwanya malariya

UBWANDITSI

***Ingabo z'u Rwanda ziri mu butumwa bw'amahoro bwa Loni muri Sudani y'Epfo (UNMISS) ku bufatanye n'Abanyarwanda baba muri icyo gihugu n'Umuryango wa SHF (Society for Family Health), bakoze igikorwa cyo kurwanya malariya mu nkambi y'impunzi ya Mangateen iherereye i Juba.***

Ni igikorwa cyabaye mu rwego rwo gukomeza gufasha abaturage no kubigisha uburyo bakwiye kurwanya malariya.

Ibikorwa byakozwe birimo gusukura ahashobora kororokera imibu, gutema ibihuru, gukangurira abaturage uburyo bwo kwirinda malariya ndetse no gutanga umuti (repellents) wica cyangwa wirukana imibu.




Ingabo z'u Rwanda ziri mu butumwa bw'amahoro bwa Loni muri Sudani y'Epfo, zarwanyije malariya mu nkambi ya Mangateen

Colonel Leodomir Uwizeyimana, Umuyobozi w'Ingabo za Rwanbatt-3 unahagarariye abasirikare b'Abanyarwanda bari muri UNMISS, yashimye ubufatanye bukomeye buri hagati y'abasirikare n'abaturage.

Yasabye abatuye muri iyo nkambi gukomeza kugira uruhare mu isuku y'aho batuye, anabashishikariza gutema ibihuru no gukuraho ibidendezi by'amazi bishobora kuba indiri y'umubu.

Simon Khan Lok, Umuyobozi w'inkambi ya Mangateen, yashimiye cyane ubu bufatanye, avuga ko bufite akamaro kanini mu guteza imbere ubuzima bw'abaturage binyuze mu kubigisha ndetse no kubagezaho umuti ubafasha kwirinda imibu.

Malariya ikomeje kuba imwe mu ndwara zikomeye zugarije abatuye inkambi ya Mangateen, iherereye ku nkengero z'umujyi wa Juba.

Icyo gikorwa cy'ubukangurambaga kikaba cyagaragaje umuhate n' ubufatanye mu guharanira imibereho myiza y'abaturage b'iyo nkambi.

# Kurahira si umuhango uhita gusa, ukurikirwa n'ibikorwa-Perezida Kagame



Abayobozi barahiye bibukijwe ko indahiro igomba kujyana n'ibikorwa

NYIRANEZA Judith

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye indahiro z'abayobozi batatu bagize Guverinoma bahawe inshingano mu bihe bitandukanye, abibutsa ko atari ukurahira gusa, hanyuma ntibikurikirwe n'ibikorwa.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Mbere tariki ya 6 Ukwakira 2025.

Abarahiye ni Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée.

Bombi ntabwo barahiye tariki 25 Nyakanga 2025, ubwo abandi bagize Guverinoma nshya barahiraga, kuko bari mu butumwa bw'akazi mu mahanga.

Ni mu gihe kandi harahiye Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Yves Iradukunda, uherutse guhabwa izi nshingano tariki 18 Nzeri 2025.

Ubwo yakiraga indahiro z'abo bayobozi, Perezida Paul Kagame yabasabye guherekesha indahiro ibikorwa.

Yagize ati: "Kurahira ntabwo ari umuhango ugira gutya ugahita gusa, ntukurikirwe n'ibikorwa bijyana nawo, icyo ni cyo nasubiragamo kandi ibindi nabisobanuye mbere, by'ukuntu dushaka ko igihugu cyacu kimera, aho kiva turahazi, aho kigeze turahazi, aho gishaka kujya turahazi."

Yavuze ko abantu ari abantu bashobora gukora amakosa, ariko batagomba guhora bayasubira ari amwe.

Ati: "Buri rwego na buri gice cy'urwo rugendo turimo harimo amasomo menshi dukwiriye kuba twiga kandi amakosa amwe dukora ntihabe kuyasubiramo kenshi kuko icyo gihe ubwo inshingano ziba zatakaye."

Yongeyeho ati: "Ubusanzwe mu mirimo, mu buzima, abantu bakora amakosa nk'abantu bigahita, ariko iyo usubiyemo amakosa amwe kenshi icyo kiba cyabaye ikindi kibazo, biba byabaye indwara igomba gushakirwa umuti mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

Ntabwo abantu babereyeho gukora amakosa, bakora amakosa, ariko bakora amakosa bakayamenya, bakagira isomo bayavanamo."

Umukuru w'Igihugu yanagarutse ku nshingano n'uburemere bwazo no gukorera Abanyarwanda n'Igihugu, aho kwirebaho.

Ati: "Impamvu ya mbere, ugomba kuba wumva neza iyo nshingano n'uburemere bwayo, inshingano ubwo n'uburemere bwayo ni byo dukorera Abanyarwanda, dukorera Igihugu, ubwo natwe turimo ariko ntabwo ari twe twikorera, dukora kugira ngo tugeze byinshi ku bandi, ariko abandi iyo byagenze neza, Igihugu kigenda neza ubwo nawe uba urimo."

Yibukije abahabwa inshingano ko batagomba kwirebaho, ahubwo basabwa kureba inyungu z'Abanyarwanda.

Yagize ati: "Ntabwo abantu bahabwa inshingano ngo birebe cyane cyane niyo bakwireba bireba mu bundi buryo, ariko icya mbere cyo kureba ni nyungu z'Abanyarwanda, icyi ni cyo kintu cy'ibanze."

Perezida Kagame yashimiye abarahiye, anabasaba kwirinda icyateza ibibazo, kuko atari we gusa bigiraho ingaruka.

Ati: "Nagira ngo rero mbashimire, abamaze kurahira nizera ibyo byose mubyumva, igisigaye ubwo ni ukurwana na mwe n'icyaba kibarimo, ibibazo byinshi ntibituruka hanze, ibibazo ni twe biturukamo, iyo utarwanye n'ikibazo kikurimo ngo ugitsinde bihora ari urujya n'uruza [...] bigatuma bidatera umuntu umwe gusa ikibazo kubera ko ufite inshingano, bitera ikibazo abandi Banyarwanda cyangwa Igihugu cyose."

Yabijeje gukorana neza uko bukwiye bikagaragara ko intambwe iterwa ari inyungu ya buri muntu mu Gihugu, no gufatanya kuko iyo abantu bakorana buri umwe agira uko atera undi inkunga.



Basuye Ingoro y'u Rwanda y'Urugamba rwo kubohora Igihugu ku Mulindi

# Abiga mu ishuri rikuru rya gisirikare rya Nyakinama basuye ingoro yo kubohora igihugu ku Mulindi

UBWANDITSI

***Abanyeshuri bagize icyiciro cya 25 biga amasomo ajyanye n'imiyoborere y'ingabo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama, mu Karere ka Musanze, ku wa 07 Ukwakira 2025 basuye Ingoro y'u Rwanda y'Urugamba rwo kubohora Igihugu ku Mulindi mu Ntara y'Amajyaruguru.***

Ni mu rwego rw'urugendoshuri rujyanye no gusobanukirwa byinshi ku rugamba rwo kubohora igihugu rwagizwemo uruhare n'Ingabo zari iza RPA (Rwanda Patriotic Army).

Uru rugendoshuri ni rumwe mu zigamije gusura ahantu ndangamateka mu ntara zitandukanye z'u Rwanda, ahatangirijwe ndetse hakanabera ibyiciro by'ingenzi by'urugamba rwo kubohora igihugu.

Minisiteri y'Ingabo igaragaza ko uru rugendoshuri rufite intego yo gukomeza gutoza no kongerera ubumenyi ba ofisiye, binyuze mu masomo ajyanye n'urugamba.

Urugendoshuri kandi rufasha abanyeshuri gusobanukirwa byimbitse amateka y'urugamba rwo kubohora u Rwanda.

Aba banyeshuri bahawe ibiganiro na ba ofisiye bakuru bari mu kiruhuko cy'iza bukuru bagize uruhare mu rugamba rwo kubohora igihugu, aho babahaye ubuhamya bugaragaza imbogamizi bahuye na zo ku rugamba, n'ibyemezo by'ingenzi bya gisirikare byagiye bifatwa bikagira uruhare rufatika mu guhindura isura urugamba.

Ibiganiro byagarutse ku byafashije ingabo za RPA gutsinda urugamba, birimo ubuyobozi buhamye, imyitwarire myiza y'ingabo, uburyo bw'imirwanire ifite intego, gushyigikirwa n'abaturage ndetse n'umurava n'umuhate by'ingabo.

Nk'uko biri muri gahunda y'urugendoshuri, aba banyeshuri bazakomeza gusura ibindi bice ndangamateka by'ingenzi bifitanye isano n'urugamba rwo kubohora igihugu ndetse n'urugamba rwo guhagarika Jenoside, kugira ngo barusheho gusobanukirwa amateka y'u Rwanda n'umurage w'amateka y'urugamba rwo kubohora igihugu.





NTAWITONDA Jean Claude

# U Rwanda mu bihugu bya EAC biyoboye mu bwishingizi bw'ubuvuzi

***U Rwanda ruza imbere mu bihugu by'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC) aho abaturage benshi bafite ubwishingizi bw'ubuvuzi, iyo ntambwe ikaba ibonwa nk'iy'ingenzi mu kwimakaza ubuzima buzira umuze mu baturage barwo.***

Ibindi bihugu biza imbere mu Karere ni Tanzania na Kenya nk'uko byashimangiwe mu Nama ya 5 y'Inteko Rusange y'Abadepite bagize Inteko Ishinga Aamtegako ya EAC (EALA).

Iyo Nteko Rusange ni yo yemeje Umwanzuro usaba Inama y'Abaminisitiri ba EAC gutangiza urugendo rwo gushyiraho ubwishingizi bw'ubuvuzi bushobora gukora mu Karere kose.

Intego yo gushyiraho ubwo bwishingizi ni uguharanira ko buri muturage yabona serivisi z'ubuvuzi zingana n'abandi mu Karere kose hatabayeho inzitizi z'imipaka.

Depite Fatma Ndangiza, Uhagarariye u Rwanda muri EALA yakomoje ku buryo ibyo bihugu biza imbere byateye intambwe yo gushishikariza abaturage babyo kwinjira mu bwisungane mu kwivuza mu rwego rwo kuborohereza kubona serivisi z'ubuvuzi.

Ati: "Iki ni cyo gihe dukwiye gushaka ibisubizo birambye tukava mu guhora dutegereje inkunga zivuye mu bihugu by'i Burayi. Ahubwo, dukwiye gukora ishoramari rikwiriye kandi rirambye kugira ngo tuzibe icyuho cy'ibikenewe, cyane cyane mu rwego rw'ubuzima. Dukwiye guharanira ko ubuvuzi bwahinduka uburenganzira bw'ibanze kuri buri muturage kubera ko ubuzima ari bwo bukungu bwa mbere."

Imibare itangwa n'Ikigo cy'u Rwanda igaragaza ko abaturage b'u Rwanda bari hejuru ya 90% bakoresha ubwisungane mu kwivuza bwa Mituweli, mu gihe abandi bakabakaba 9% bakoresha ubundi bwishingizi bw'ubuvuzi.

Ubwishingizi bwa Mituweli bwatangiye mu igerageza ryakozwe mu Turere dutatu mu mwaka wa 1994 kugeza mu 2004 ubwo bwemezwaga nka gahunda y'Igihugu ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Umuturage w'u Rwanda yatangiye asabwa kwishyura amafaranga 1.000 kuri buri muntu akivuza umwaka wose yishyura 25% by'ikiguzi cy'ubuvuzi ahabwa.

Nyuma icyo kigero cy'umusanzu cyagejejwe ku mafaranga 3.000 ku muturage wo hasi na 7.000 ku mukungu, mu rwego rwo kurushaho kongera ubushobozi bwa serivisi bahabwa kuri Mituweli.

Mu mwaka wa 2007 ni bwo hatowe Itegeko Nomero 62/2007 ryo ku wa 30/12/2007 rigenga uburyo bushyiraho, bucunga kandi bugashyira mu bikorwa Mituweli.

Ubu bwishingizi bw'ubuvuzi bushingiye ku miryango yunganirana, abivuza bakabona ubuvuzi buboneye bitabasabye kwishyura umurengera.

Ubu buryo buba itegeko ku bantu batagira ubundi nwishingizi bw'ubuvuzi ndetse n'abakozi bafite ubundi



Muri EAC, u Rwanda ruri imbere mu kugira abaturage benshi bafite ubwishingizi bw'ubuvuzi

bwhishingizi bw'ubuvuzi bakaba basabwa inyunganizi y'iyo gahunda.

Ibyo bitumwa haboneka inkunga ituruka ku banyamuryango, imisoro ndetse no mu bagiraneza batanga inkunga kugira ngo Abanyarwanda barusheho kubona ubuvuzi buboneye.

Ubu bwishingizi bw'ubuvuzi bufasha u Rwanda mu rugendo rwo kugeza ubuvuzi kuri bose kandi buboroheye, cyane ko abatishoboye bishyurirwa na Leta na bo bakaba badasigara inyuma muei ubwo bwishingizi.

Umwanuro wa EALA usaba ibihugu bihuriyem muri EACkujya bigena nibura 15% by'ingengo y'imari yabyo mu rwego rw'ubuvuzi, nka bumwe mu buryo bwo kongerera imbaraga urugendo rwo kugera ku buvuzi bugera kuri bose mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba.

# Ibiciro ku masoko byiyongereyeho 7.3% muri Nzeri uyu mwaka

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR) cyatangaje ko ibiciro ku masoko byazamutseho 7.3% muri Nzeri 2025, ugereranyije n'ukwezi nkuko umwaka ushize, ndetse bikaba byariyongereye ugereranyije na 7.1% byariho mu kwezi gushize kwa Kanama.***

Raporo ya NISR yagaragaje ko ibiciro byazamutse ahanini bishingiye ku biciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutse ku kigero cya 4.2%, bikaba byarazamutseho 1.3% ugereranyije n'ukwezi gushize.





Ibiciro ku masoko byarazamutse

Ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15% ugereranyije n'umwaka ushize, bikaba byarazamutseho 1.6% ugereranyije n'ukwezi gushize.

Muri Nzeri ibiciro by'amacumbi, amazi, amashanyarazi, na gaze n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4.1% mu gihe ibiciro by'ubwikorezi byazamutseho 8.6%, bikaba byarazamutseho 1.7% ugereranyije na Kanama.

Ubuvuzi bwazamutseho 71.1%, amaresitora n'amahoteli azamuka 17.7% ariko agira igabanyuka rya 0.1% ugereranyije no muri Kanama.

Iyo raporo kandi igaragaza ko ibicuruzwa by'imbere mu gihugu byazamutseho 6.5% mu 2025, bikaba byarazamutseho 1.3% ugereranyije na Kanama, mu gihe ibicuruzwa byavuye hanze byazamutseho 9.5%, ibiciro by'ingufu bizamukaho 4.5%, bikaba byariyongereyeho 0.4 % ugereranyije n'ukwezi gushize.

Ibiciro mu byaro muri Nzeri 2025, byiyongereyeho 5,5% ugereranyije na Nzeri 2024, mu gihe muri Kanama byiyongereyeho 5,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nzeri 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 54,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,3%.

NISR yagaragaje ko ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,2%, iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,7%.

# Kigali: Amagare atwara abantu n'ibintu ari gushakirwa uko yava mu bwikorezi

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yagaragaje ko amagare atwara abantu n'ibintu ari gushakirwa uburyo yavanwa mu bwikorezi mu Mujyi wa Kigali akaba yajya mu nkengero, hagakoreshwa ubundi buryo buhendutse, butekanye kandi butangiza ibidukikije.***

Gusa iyo gahunda ntireba amagare y'abantu ku giti cyabo akoreshwa muri siporo no mu ngendo zijya cyangwa ziva ku kazi kuko yo azakomeza kongererwa inzira yagenewe mu mihanda itandukanye ya Kigali.

Ni ibyagarutsweho ku wa 09 Ukwakira 2025 ubwo Minisitiri muri MININFRA Dr Gasore Jimmy, yasubizaga Abasenateri ku ngamba zafashwe zo gukumira no kurwanya impanuka zo mu muhanda mu Mujyi wa Kigali.



**Amagare atwara abantu n'ibintu ari gushakirwa uburyo yavanwa mu bwikorezi mu Mujyi wa Kigali akaba yajya mu nkengero**

Senateri Rugura Amandin yagaragaje ko bitewe n'umuvuduko mike amagare agendereho bijya biteza umuvundo mu muhanda ndetse byahura n'uko nta nzira zayo zihari, ugasanga byongereye ibyago byo kuba yakora impanuka.

Yagize ati: "Amagare yongeye kudusatira mu Mujyi. Mbere bari barayashyize mu nkengero none ubu ngubu yagarutse. Igare rijya mu muhanda rwagati nta nzira zayo, nta n'umuvuduko riba rifite bigatuma umuvundo wiyongera n'ibyago byo kuba wamugonga. Ni ikibazo kuko igare ukojejeho gato ahita agwa kandi nta na kasike bagira."

Nyuma yo kugaragaza izo mpungenge Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr. Jimmy Gasore, yagarageje ko Leta ibona amagare mu buryo bubiri kuko hari amagare y'ubucuruzi atwara abantu n'ibintu, hakaba n'andi ya siporo kandi hari uburyo n'ingamba ziri gufatwa ngo ibyo bibazo bikemuke.

Yavuze ko ayo magare y'ubucuruzi atakagombye kuba mu Mujyi wa Kigali ariko kubera impamvu z'ubukungu agikora ariko hari kurebwa ingamba ku buryo hakoreshwa imodoka z'amashanyarazi mu bwikorezi.

Yagize ati: "Amagare y'ubucuruzi atwara abantu n'Imizigo, mu by'ukuri ntiyagombye kuba no mu Mujyi wa Kigali. Amagare atwara urugi cyangwa urubaho mu muhanda ntabwo byakabaye kuba bihari, ariko kubera impamvu z'ubukungu ntitubikuraho ariko tugenda dushyiraho ingamba."

Dr. Gasore yongeyeho ko itegeko rishya riteganya ko amagare ashobora kugira ibihano ahabwa by'amande mu muhanda ariko igihari ari uko hazakoreshwa imodoka z'amashanyarazi.

Ati: "Icyo tubona ni ugushyira ingamba mu bindi nk'imodoka z'amashanyarazi ziri kuzana ubwikorezi buhendutse ku buryo twizera ko amagare azava mu bwikorezi mu Mujyi haba mu gutwara imizigo no gutwara abantu."

---

**KAMALIZA Agnes**

# Madamu Ingabire Marie Immaculée yitabye Imana azize uburwayi

***Ingabire Marie Immaculée wari Umuyobozi w'Umuryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane mu Rwanda, (TI-Rwanda), yitabye Imana kuri uyu wa Kane nyuma y'igihe kinini yari amaze arwaye.***

Amakuru y'urupfu rwe yamenyekanye mu gitondo cyo ku wa Kane tariki ya 09 Ukwakira 2025, atangajwe n'Umuryango TI Rwanda, wavuze ko ubabajwe no gutangaza urupfu rwa Ingabire Marie Immaculée, wihanganisha byimazeyo inshuti n'umuryango ndetse umwifuriza iruhuko ridashira.

Ingabire yabaye impirimbanyi y'uburenganzira bwa muntu by'umwihariko akaba yaragaragaje umwihariko mu kurengera uburenganzira bw'abagore.

Ni umwe mu bantu 20 bashinze Transparency International Rwanda mu mwaka wa 2004, ariko yatorewe kuwuyobora mu mwaka wa 2015.

Nyakwigendera Ingabire yabonye izuba mu 1961 avukira i Burundi kuko ari ho umuryango we wari warahungiye.

Yagiye atangaza kenshi ko kuvukira ishyanga no gukurira mu buzima bw'ubuhunzi ari byo bintu byamubabaje cyane kuko byatumye adahabwa uburenganzira yari akwiriye ari nabyo byamuteye ishyaka ryo kumva yanze akarengane ako ari ko kose kuko yakuze agakorerwa.

Mu magambo ye ubwo yagarukaga ku buzima bushariye bwo gukura witwa impunzi yagize ati: "Gukura witwa impunzi biragatsindwa kuko bituma ubaho ubuzima utishimiye kandi uziko naho uri atari igihugu cyawe, igihe cyose twamaze mu buhunzi nababajwe nuko ntigeze mpabwa amahirwe nk'abandi bana ngo nige ibyo nshaka ahubwo bakampitiramo kuko nitwaga impunzi."

Yize amashuri abanza n'ayisumbuye i Burundi akomereza muri Kaminuza muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo aza kuhava mu 2001 atahuka mu Rwanda.

Nyakwigendera akaba yari umubyeyi w'abana batanu barimo abe bwite n'abo yafashe akemera kubabera umubyeyi.

Mu mvugo ze yajyaga yumvikana kenshi asaba urubyiruko kubyaza amahirwe rufite umusaruro bagakorera Igihugu batitangiriye kuko nibatabikora Imana iba ibareba kandi izabibaryoza.

Ubwo yatahukaga mu mu Rwanda yakoze imirimo itandukanye aho yakoze mu bitangazamakuri nka ORINFOR, Imvaho Nshya, yakoze mu miryango itandukanye nka; Profemmes Twese Hamwe, IBUKA n'indi miryango y'abagore itegamiye kuri Leta.



**Nyakwigendera Ingabire Marie Immaculée yitabye Imana azize uburwayi**

Inkuru y'urupfu rwe yashenguye benshi haba urubyiruko n'abakuze aho abakoresha imbuga nkoranyambaga bamwifurije iruhuko ridashira ndetse banamushimira umurage asize.

Uwiyita Sir. Uracyaryamye ku rubuga rwa 'X' yagize ati: "Ruhukira mu mahoro mubyeyi."

Umunyamakuru Niwemwiza Anne Marie na we yagize ati: "Ijuru ritashye intwari!! Wakoresheje igihe cyawe neza, warakoze kuba wowe no kubera benshi umurengezi n'urugero rushyitse. Ruhukira mu mahoro mubyeyi, udusuhurize izindi ntore usanze."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Urwiyererutso rwa Thisekedi, indi ntambara ku Rwanda*

Mu migambi yo kugirira nabi u Rwanda yose yagiye icurwa na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), birasa nk'aho uwo kurusebya mu ruhando mpuzamahanga ari wo ukomeje kugera ku ntego kuko hari abagura ibinyoma n'ikinamico rikinirwa kurangaza abaturage bari mu buretwa bw'imiyoborere mibi n'amahanga yifitiye izindi nyungu mu mwiryane w'Abanyafurika.

Kwangiza isura y'u Rwanda rutwererwa guteza umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC, birusha cyangwa bikanganya ubukana n'ibitero bifatika rugabwaho buri munsi kuko bigamije guhungabanya umutekano, ubukungu bw'Igihugu, gusenya ububanyi n'amahanga, imibereho myiza y'abaturage n'izindi ngaruka zinyuranye.

Nyuma y'uko Thisekedi atangaje ko u Rwanda rufasha M23, Abanyekongo bakomeje guharanira uburenganzira bwabo, bimwe mu bihugu byari bisanganywe umubano mwiza n'u Rwanda byabyuririyeho bimwe bitangira gukoresha inkunga byaruhaga mu gushaka kurwemeza amakosa.

Hari n'ibihugu byagerageje guhagarika imikoranire bisanganywe n'u Rwanda, byirengagije ko ari rwo rudasiba kugabwaho ibitero n'igihugu cyiyemeje gufatanya n'abarurwanya.

Nyuma yo guharabika u Rwanda Umuryango Mpuzamahanga ukagura icyo kinyoma, kuri ubu ikigezweho ni ugukomeza kugaragaza ko RDC yiteguye gukorana neza na rwo, kandi inyuma y'amarido imikoranire na FDLR ikomeje kongererwa imbaraga.

Imyitwarire mishya ya Tshisekedi ntigamije gusinziriza amahanga gusa ahubwo ni urugamba rushya yagabye ku Rwanda, kuko abakiryohewe n'ibyo binyoma bazakomeza kurugiraho imyitwarire ijyanye n'isura rwambitswe, igira ingaruka ku bukungu n'ububanyi n'amahanga.

Nubwo ukuri guca mu ziko ntigushye, ariko umuntu yakwibaza ngo ni nde uzabazwa ingaruka z'ikinyoma gikomeje kwangiza isura y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga?

Dushobora kuba dutegereje urugamba rw'amasasu kandi intambara Tshisekedi yahigiye kugaba ku Rwanda yarayitangiye bucece.

Uru rugamba na rwo rukeneye abanyakuri bitangira kunyomoza ibyo binyoma kabone n'ubwo amahanga atabyumva uyu munsi, kuko ukuri kuzagera aho kuganza ikinyoma.

---

# Perezida Kagame yasabye EU gusangira na Afurika ibyago n'inyungu

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yasabye ibihugu bihuriye mu Muryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) kureka imyumvire ya kera y'ubufatanye bushingiye ku guha Afurika amabwiriza yo isabwa kuyubahiriza, kuko budatanga umusaruro nk'uko byagaragaye mu myaka yashize.***

Yaboneyeho gusaba ibyo bihugu by'i Burayi gutangiza no kumenyera uburyo bushya bw'imikoranire bushingiye ku kubahana no gusangira ibyago n'inyungu, cyane ko impande zombi zikeneranye ku mahirwe buri ruhande rurusha urundi.

Mu nama ya kabiri mpuzamahanga y'iminsi ibiri yiga ku ishoramari iteraniye i Buruseri mu Bubiligi yiswe Global Gateway 2025, Perezida Kagame yashimangiye ko ubutwererane buzima bushoboka gusa iyo bushingiye ku musingi muzima.

Yavuze ko Isi ihanganye n'impinduka z'ubukungu na Politiki zigerageza iyo myumvire ishaje mu birebana n'ubutwererane mpuzamahanga, aho kuri ubu ubufatanye bwonyine bushoboka mu nzwego zose bujyana n'umutekano.

Yavuze ko abahagarariye ibihugu bya Afurika bahuriye n'ab'i Burayi muri iyo nama, kugira ngo baganire ku buryo bwo guharanira amahirwe n'inyungu biva mu iterambere byungura impande zombi.

Aha ni ho yahereye ashimangira ko Afurika n'u Burayi bikwiye kuba byumva kimwe igisobanuro cy'ubufatanye aho kugira ngo kuri bamwe bube gutanga amabwiriza, no gushyiraho imirongo ngenderwaho, mu gihe ku bandi isobanura kubahiriza amabwiriza bashyiriweho kugira ngo bahabwe inkunga.

Ati: "Ubunararibonye bwa Afurika bugaragaza ko ubu buryo budatanga umusaruro w'iterambere dukeneye.




**Paul Kagame, yasabye ibihugu bihuriye muri EU kubahana no gusangira ibyago n'inyungu**

Ubufatanye bwiza ntiburema kugengwa n'abandi ahubwo burema agaciro. Niba mushaka gukorana na Afurika, ubufatanye buboneye kandi buramba bukwiriye kuba bungana, dusangiye ibyago n'inyungu."

Yavuze ko Afurika, ishyize imbere kubaka ibikorwa remezo, ikoranabuhanga n'inganda, kugira ngo irusheho guhangana ku isoko mpuzamahanga, mu gihe u Burayi bwo bukeneye isoko rya Afurika rikomeje kwaguka no gutera imbere, impano z'Abanyafurika biganjemo urubyiruko, n'imitungo kamere ikenewe mu guharanira iterambere ritangiza ibidukikije kandi rishingiye ku ikoranabuhanga.

Ati: "Inyungu zacu zirajyanirana, bityo iki ni cyo gihe cyo kuzihinduramo iterambere ryungura impande zombi. Ibi ni byo iyi nama ishobora gutuma bishoboka turamutse tutadohotse kandi tugakora ibifatika."

Yagarutse ku rugero rw'ubufatanye bwa Afurika n'ibihugu by'i Burayi bwatanze umusaruro ufatika, aho uruganda rw'Abadage BioNTech rwatangije uruganda rw'inkingo mu Mujyi wa Kigali.

Uruganda rwa BioNTech rwubatswe mu cyanya cyahariwe inganda i Masoro, rukaba ari rwo rwa mbere rufite ikoranabuhanga rigezweho rya BioNTainers rwubatswe muri Afurika mu kubaka ubushobozi bwo gukorera inkingo n'indi miti kuri uyu mugabane.

Perezida Kagame yavuze ko iyo gahunda yashobotse ku bufatanye bwa Afurika na EU binyuze muri gahunda y'ubufayanye bw'ibihugu by'u Burayi n'ibindi bihugu mu guharanira intego z'iterambere ritanga umusaruro ufatika (Team Europe).

Yavuze ko uwo mushinga ari intambwe ishimishije mu rugendo rwo gukorera inkingo mu Karere, ukaba uzagabanya kwishingikiriza ku bandi ari na ko wongera imbaraga ubushobozi bwa Afurika bwo guhangana n'ibyorezo by'igihe kizaza.

Ati: "Uru ni urugero rwiza rw'ubufatanye butanga umusaruro urenga imbibi z'igihugu kimwe. Mu gusigasira iyo ntambwe n'inyungu itanga, inzego z'imari zikwiye gushishikariza abikorera no kongerera imbaraga imikorere y'ibihugu."

Perezida Kagame yaboneyeho gushimangira ko u Rwanda ruzakomeza gutanga umusanzu warwo mu guharanira ko izi mbaraga zibyazwamo umusaruro ufatika.

Yashimiye kandi iyi nama yagaragaje agaciro kayo mu gihe gito, ihuza ibitekerezo n'ubushobozi by'ibihugu ikabihinduramo ishoramari rya nyaryo, ashimangira ko iziye igihe kandi ari ngombwa.

# U Rwanda rwakiriye Abanyarwanda 382 bari barafashwe bugwate na FDLR



Abanyarwanda 382 baratahutse bagaruka mu rwababyaye

**KAYITARE Jean Paul**

***U Rwanda rwakiriye impunzi z'Abanyarwanda 382 zo mu miryango 106 zaje ziturutse mu bice bya Masisi, Walikare, Rutshuru aho umutwe wa FDLR wari warabafashe bugwate muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Impunzi ziganjemo abagore, abana n'abasaza bageze mu Rwanda ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu tariki 08 Ukwakira 2025 baherekejwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR), banyuze ku mupaka munini uzwi nka La Corniche.

Zikigera ku mupaka uhuza Akarere ka Rubavu n'Umujyi wa Goma muri RDC, zakiriwe n'inzego zitandukanye z'u Rwanda zirimo iz'umutekano, abakozi ba Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi ndetse n'inzego zibanze.

Pierre Gahababo umwe mu bageze mu Rwanda, yavuze ko akomoka mu yahoze ari Komini Rwerere akaba yageze mu Rwanda aturutse i Karuba muri Masisi mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru.

Avuga ko yari abayeho mu buzima bwo guhinga mu rwego rwo gushaka igitunga umuryango we.

Ati: "Abatware bajyaga badukoresha imirimo ariko njye nabaga ku mutware witwa Ngabo, nkajya nirirwa nahirira inyana ze, akampa imirimo nkahinga mu bikuyu ubwo mbonye umugore wanjye amaze gupfa, nibwo mpisemo gutaha."

Gahababo avuga ko gutinda gutaha mu gihugu cyamubyaye byaturutse ku byo babwirwaga n'abagize umutwe wa FDLR wasize ukoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Agira ati: "Twatekerezaga gutaha, bwa bugome bw'ububandi bw'abantu bari muri Congo, bati imugenda tuzabicira mu nzira."

Wazalendo na FDLR ni bo bababuzaga gutaha ariko kuko ngo ageze mu Rwanda yizeye umutekano, akishimira iterambere yabonye akihagera.

Nzamugura Izabayo waje aturutse i Kambure muri Masisi akaba yaravukiye i Gatoyi muri RDC nyuma y'aho nyina yamugeranye muri Congo amutwite.

Yishimiye gutaha mu Rwanda n'ubwo umugabo we yitabye Imana ariko ngo arajya muri benewabo w'umugabo.

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu, Prosper Mulindwa, yabahaye ikaze abizeza ko aho bazajya mu duce bavukamo naho bazakirwa n'ubuyobozi bityo nabo bagashyirwa mu cyerekezo cy'igihugu.

Yagize ati: "Mwahisemo neza gutaha kuko imyaka mumaze hanze y'u Rwanda, ubwo mugeze iwanyu mugiye kubibona ko iriya myaka mwakoreye mu gihombo.

Murahita mubibona mutaragera no mu rugo iwanyu, mugiye kubona ukuntu Leta y'u Rwanda ikunda abaturage, mugiye kwinjira mu mabisi meza.

Kuva uyu munsi kuzagera mugeze iwanyu muzaba mwitaweho na Leta, muzahita mubona umutekano, muzahita mubona ko Leta yacu yashyize umuturage ku isonga, bikaba bitandukanye n'aho mwari muri, kuko mumaze igihe mubwirwa n'abantu biyitirira kubakunda, biyitirira kubahangayikira ariko nyuma yabyo hari ikindi kibiri inyuma."

Meya Mulindwa avuga ko ibyo babikoraga bashaka kubashyiramo ubwoba, kubabwira ngo nimugume hano kugira ngo bo bakomeze kubona impamvu yo kubayo.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu bwasobanuriye Abanyarwanda bagarutse mu gihugu cyabo ko u Rwanda rwavanyeho ubuhunzi ahubwo ngo rwashyize imbere imibereho myiza y'abaturage, ubutabera kandi ngo umuco wo kudahana utakiri mu Rwanda.

Abanyarwanda bageze mu Rwanda barakomereza mu nkambi ya Nyarushishi mu Karere ka Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba.




Minisitiri w'Ibidukikije Dr Arakwiye Bernadette, yavuze ko hatangijwe umushinga wo gukusanya amafaranga yo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima

# Miliyari 433 Frw zigiye gushorwa mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangije umushinga wo gukusanya miliyari zisaga 433 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 300 z'amadolari y'Amerika) ugamije kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima no kurengera ibidukikije muri rusange.***

Ni gahunda yiswe "Rwanda's National Biodiversity Strategy and Action Plan for 2025 to 2030" yatangijwe ku wa Kabiri tariki ya 7 Ukwakira 2025 iteganyijwe kuzageza mu 2030.

Yatangirijwe mu Nama Mpuzamahanga y'Umuryango w'Ubuziranenge ku Isi (ISO) iteraniye i Kigali kuva ku wa 6-10 Ukwakira.

Minisitiri w'Ibidukikije Dr Arakwiye Bernadette, yavuze ko iyo gahunda isaba ubushobozi bwinshi, bityo asaba abafatanyabikorwa kuyigiramo uruhare.

Yagize ati: "Muri gahunda nshya, u Rwanda rugamije gukusanya amadolari ya Amerika miliyoni 300 mu myaka itanu iri imbere, agamije gushyigikira ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, guteza imbere ubucuruzi bushingiye ku kubungabunga bidukikije, no gukomeza amabwiriza ajyanye n'ubuziranenge mu kubungabunga ibidukikije."

Yakomeje agira ati:"Ndahamagarira abafatanyabikorwa bose mu iterambere, abashoramari, n'abaturage b'u Rwanda

KOMEZA KU RUP.9





# Uruganda Inyange rwashyize ku isoko amata y'ifu y'ikilo 1 n'aya garama 500

**ZIGAMA Theoneste**

***Uruganda rw'Amata Inyange Industries rwashyize ku isoko amata y'ifu y'ubwoko bwa Instant Whole Milk Powder, y'ikilo 1 ndetse n'aya garama 500, aho Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda yavuze ko bigaragaza ukwigira kw'abacuruzi b'u Rwanda kuko ayo mata y'ifu bajyaga bayakura hanze y'u Rwanda.***

Ni amata yashyizwe ahagaragara ku wa Gatanu tariki ya 10 Ukwakira 2025.

Umuyobozi Mukuru w'uruganda rw'amata y'ifu rwa Inyange, Kagaba James yavuze ko kumurika ayo mata y'ifu abaguzi bari bategereje.

Yagize ati: "Aya mata twayafunze mu mapaki y'amagarama 500, ay'ikilo kimwe. Ushobora kuyakoroga mu mazi akayenga mu buryo bwihuse."

Yavuze ko kubera ko uruganda ruyakora rukorera mu Karere ka Nyagatare, Inyange igiye kuyashyira mu maguriro manini (supermarket) mu Ntara zose z'Igihugu kugira ngo buri wese abashe kuyabona.

Yakomeje avuga ko ayo mata yashyizwe ku isoko hari ubushobozi bwo guhaza isoko ry'u Rwanda.




Amata y'ifu y'uruganda Inyange Industries y'ikilo kimwe na 500g yagejejwe ku isoko

Ati: "Uruganda rwacu rufite ubushobozi bwo gukora toni zirenga ibihumbi 50, dushobora gutanga ayo mata nta mbogamizi."

Yavuze ko bakomeje no kuyohereza mu bihugu y'abaturanyi by'u Rwanda, birimo Kenya, Tanzania na Uganda.

Nduwayezu Vincent, umworozi w'inka wo mu Karere ka Rulindo, yavuze ko uru ruganda kuba rushyize amata ku isoko bizababafasha nk'abarozi.

Ati: "Dukusanya litiro zisaga 1000- 1500 rero uru ruganda rutaraza wasangaga uwo musaruro wazangirika."

Nyiranshuti Marie Germaine, umucuruzi w'amata yavuze ko bishimiye ko ubusanzwe amata byabagoraga kuyabona ku isoko ariko kuba aya yashyizwe ku isoko ari iby'agaciro.

Umujyanama mu bya tekiniki muri Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, Dr Kabayiza Alexis yavuze ko gushyira ku isoko aya mata bigaragaza urugendo rw'u Rwanda rwo kwigira.

Yagize ati: "Ubundi abayakeneraga bayakuraga hanze, ariko uyu munsi ni bwo dushobora kuyashyira ku isoko ryo mu Rwanda. Ibyiza ni ikimenyetso cyo kwigira, ubu ni isoko rikomeye ku borozi."

Yakomeje avuga ko kandi bigiye kongerera ubushobozi abari mu ruhererekane nyongeragaciro.

Ati: "Hari abandi bazayafata bayakoreshe muri serivisi zitandukanye, hari abayakoresha muri shokora, mu mata, Yawurute, n'ibindi bicuruzwa bitandukanye."

Ubu ayo mata ikilo kimwe kigura ibihumbi 20 by'amafaranga y'u Rwanda, n'ipaki ya garama 500 ikagurwa ibihumbi 10.

# Miliyari 433 Frw zigiye gushorwa mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima

IBIKURIKIRA URUP.8

gushyira hamwe mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda, bafasha ibikorwa byo gushaka amafaranga yo kubungabunga ibidukikije no gushora imari mu bidukikije nk'ishingiro ry'iterambere rirambye."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA), Kabera Juliet, yavuze ko uwo mushinga ugizwe n'ibikorwa bitandukanye birimo gutera no gusazura amashyamba, guteza imbere ubuhinzi butangiza ibidukikije, ubukerarugendo n'inganda zita ku bidukikije.

Yagize ati: "Iyi ni gahunda dufite yo gukomeza kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima. Zirimo ibikorwa by'ubuhinzi, ubukerarugendo, inganda no gusazura amashyamba. Ni ugukora ibikorwa by'iterambere ariko tutangiza urusobe rw'ibinyabuzima."

Yakomeje avuga ko ayo mafaranga azakusanywa binyuze mu bufatanye bwa Leta n'abafatanyabikorwa bayo.

Minisiteri y'Ibidukikije yagaragaje ko abaturage b'u Rwanda 65% babeshejweho n'ibikorwa bifitanye isano n'urusobe rw'ibinyabuzima birimo ubuhinzi, ubukerarugendo, ubworozi no kubungabunga amashyamba.

Iyo Minisiteri yanatangaje ko u Rwanda rucumbikiye amoko arenga 400 y'inyamaswa, arenga 1 000 y'inyoni, ndetse n'asaga 6 000 y'ibimera n'ibindi binyabuzima bitaboneka ahandi ku Isi.

Imibare yagaragajwe ni uko hafi 25% by'amoko yose y'ibinyabuzima bishobora kuzimira mu myaka iri imbere mu gihe nta gikozwe mu guhagarika ibiyabangamira.

Minisiteri y'Ibidukikije kandi yagaragaje ko ingaruka z'ubukungu ku rwego rw'Isi zituruka ku iyangirika ry'ibinyabuzima zibarirwa kuri tiriyari 10 z'amadolari ya Amerika buri mwaka, bityo ari ngombwa gufata ingamba zihutirwa zo kubungabunga ibidukikije n'ubwoko bwose bw'ibinyabuzima.

# Perezida Kagame yaganiriye n'Umuyobozi Mukuru wa Mastercard Foundation

KAYITARE Jean Paul

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, yagiranye ibiganiro na Reeta Roy, Umuyobozi Mukuru w'umuryango Mastercard Foundation na Sewit Ahderom ugiye gusimbura Roy umwaka utaha.***

Ni ibiganiro byabaye ku wa Gatanu tariki 10 Ukwakira 2025, muri Village Urugwiro.

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu byatangaje ko Perezida Kagame n'abo bashyitsi baganiriye ku bikorwa bya Mastercard Foundation muri Afurika, no ku bufatanye n'u Rwanda by'umwihariko.

Ubufatanye bwa Mastercard Foundation na Leta y'u Rwanda bwibanda ahanini ku guhanga imirimo, uburezi, kongerera ubumenyi urubyiruko ku bijyanye n'iterambere n'ibindi.

Umuryango Mastercard Foundation uteganya kubakira ubushobozi urubyiruko rwa Afurika rugera kuri Miliyoni 30 hibandwa cyane cyane ku bagore, kugira ngo mu 2030 ruzabe rufite imirimo myiza irufasha kwiteza imbere.



Perezida Kagame yakiriye Reeta Roy, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Mastercard Foundation na Sewit Ahderom

Mu 2021, Mastercard Foundation na Kaminuza y'u Rwanda byatangije ubufatanye buzamara imyaka 10, bugamije gufasha abanyeshuri 1 200 b'abahanga ariko badafite ubushobozi, bukaba buzashorwamo angana na Miliyoni 55 z'Amadolari ya Amerika (ni ukuvuga asaga Miliyari 79 z'Amafaranga y'u Rwanda).

Si ibyo gusa kuko uyu muryango utanga amahugurwa anyuranye ku rubyiruko ndetse ugakora n'ubukangurambaga mu Rwanda, kugira ngo rubashe kwihangira imirimo, muri gahunda ya Leta yo kongera imirimo hagamijwe kugabanya ubushomeri.

# U Rwanda na Brazil byiyemeje ubufatanye mu bya Politiki




U Rwanda na Indonisia bashyize umukono ku masezerano agamije umutekano

NYIRANEZA Judith

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Brazil, basinyanye amasezerano y'ubufatanye mu gushimangira umubano mu bya dipolomasi no kurushaho kungurana ibitekerezo mu bya politiki.***

Amasezerano yashyizweho umukono n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Clementine Mukeka na Irene Vida Gala, Amabasaderi wa Brazil mu Rwanda.

Ni amasezerano yasinyiwe i Kigali mu nama nyunguranabitekerezo muri politiki iyobowe n'Umunyamabanga Uhoraho, Mukeka na Amb. Carlos Duarte, akaba Umunyamabanga ushinzwe Afurika n'Uburasirazuba bwo Hagati muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Brazil.

Mu ijambo rye, Umunyamabanga Uhoraho, Mukeka yavuze ko ayo masezerano agaragaza intambwe ikomeye mu mibanire y'ibihugu byombi, itegura ibiganiro bikomeje hagati y'ibihugu byombi

Ibiganiro byibanze ku gusuzuma ubufatanye busanzwe buriho no gushakisha izindi nzira nshya z'ubufatanye hagati y'ibihugu byombi.

U Rwanda na Brazil ni ibihugu bifitanye umubano guhera mu 1981, kandi ubufatanye bwarushijeho gushinga imizi by'umwihariko ubwo hashyirwagaho ambasade mu bihugu byombi (Kigali na Brazil).

Ibyo byatumye habaho ibiganiro bya politiki binongera ubufatanye mu nzego zitandukanye zirimo uburezi, siyansi n'ikoranabuhanga, ubufatanye mu bukungu n'ubucuruzi,

# U Rwanda na Indonisia bashyize umukono ku masezerano agamije umutekano

UBWANDITSI

***U Rwanda na Indonesia basinyanye amasezerano agamije guteza imbere ubufatanye bw'inzego zombi za polisi ndetse no guhanahana amahugurwa no gusangira ubunararibonye.***

Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP), CG Felix Namuhoranye uri mu ruzinduko rw'akazi muri Indonesia rugamije gushimangira umubano n'ubufatanye hagati ya Polisi z'ibihugu byombi mu bijyanye n'umutekano, ni we washyizeho umukono ku ruhande rw'u Rwanda.

Ni nyuma y'uko yakiriwe na mugenzi we muri icyo gihugu, Gen Listyo Sigit Prabowo, ku wa Mbere tariki ya 6 Ukwakira 2025, bashyira umukono ku masezerano y'ubufatanye hagati ya Polisi y'u Rwanda n'iya Indonesia.

Umuhango wo gusinya amasezerano wabereye ku cyicaro gikuru cya Polisi ya Indonesia mu murwa mukuru Jakarta, wakurikiwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri Indonesia, Sheikh Abdul Karim Harerimana.

Ni masezerano akubiyemo ubufatanye bw'inzego zombi za Polisi mu bijyanye no guhanahana amahugurwa no gusangira ubunararibonye; kungurana ubumenyi mu bijyanye no gucunga umutekano n'ituze rusange, kurwanya ibyaha byambukiranya imipaka n'iterabwoba n'izindi gahunda zirebana no kubaka ubushobozi.

Muri uru ruzinduko kandi IGP Namuhoranye yasuye Ishuri rikuru rya Polisi ya Indonesia, aho yagiranye ikiganiro cyibanze ku mutekano n'abofisiye barenga 300 barimo kwiga amasomo atandukanye muri iryo shuri





# Ubuziranenge bwongereye icyizere cy'u Rwanda mu mahanga

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr Nsengiyumva Justin, yatangaje ko nyuma y'aho u Rwanda rwimakaje ubuziranenge mu bucuruzi, byagize uruhare rukomeye mu gutuma bugirirwa icyizere ku rwego mpuzamahanga, ashimangira ko ari inkingi y'iterambere rirambye.***

Yabigarutseho ku wa Mbere tariki ya 6 Ukwakira 2025, ubwo yatangizaga ku mugaragaro Inama Mpuzamahanga yiga ku Buziranenge (ISO Annual Meeting 2025).

Iyo nama n'Inteko Rusange by'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe Ibipimo ngenderwaho by'Ubuziranenge ku Isi (International Organisation for Standardisation-ISO), iteraniye i Kigali kuva tariki ya 6 kugeza ku ya 10 Ukwakira 2025, yitabiriwe n'abasaga 1.000 bahagarariye ibihugu 176 byo ku Isi.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze ko Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbere ubuziranenge, isuzuma ry'ibipimo n'ingano (metrology) mu mutima w'ingamba z'igihugu z'iterambere, kuko izi neza ko ari bwo buryo bw'ingenzi bwo kubaka ejo hazaza harambye.

Yagize ati: "Mu Rwanda, Guverinoma yashyize imbere ubuziranenge, isuzuma ry'ibicuruzwa no gupima ibipimo mu nkingi ya gahunda z'iterambere. Ubu buryo bwadufashije kubaka ubucuruzi buhiganwa, bukomeza umutekano, buteza imbere ubwiza n'ukwizerwa by'ibicuruzwa na serivisi, bushyigikira ubukerarugendo, buteza imbere inganda, kandi bukihutisha guhanga udushya n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga."

Yakomeje ashimangira ko kwimakaza ubuziranenge mu Rwanda byatumye ubukungu bw'igihugu bushobora guhatana neza, haba ku rwego rw'Akarere no ku Isi muri rusange.

Dr. Nsengiyumva yavuze ko iki cyumweru ari amahirwe yihariye ku bihugu n'abafatanyabikorwa yo kugaragaza uburyo ubuziranenge bushobora gufasha mu iterambere rirambye.

Yagize ati: "Ubuziranenge bufasha mu bucuruzi, buguteza imbere guhanga udushya, bugafasha mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe ndetse no gutanga ibisubizo bifatika ku bibazo byugarije Isi. Ni urufatiro rukomeye rw'iterambere rirambye."

Perezida wa ISO, Dr Sung Hwan Chu, yavuze inama yay a ISO Annual Meeting 20225 yitezwaho kwimakaza ubuziranenge bufasha mu guteza imbere




Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr Nsengiyumva Justin yagaragaje ko kwimakaza ubuziranenge mu bucuruzi, byatumye bugirirwa icyizere

ubucuruzi bwambukiranya imipaka no kubaka icyezere hagati y'ibihugu binyamuryango.

Ati: "Iyi nama igamije guteza imbere ubuziranenge, byukaba urubuga rwo gusangira ubumenyi n'ubufatanye."

Iyi nama ifite insanganyamatsiko igira iti "United for Impact" (Duhurize hamwe Imbaraga ku bw'Inyungu Rusange).

Inama ya ISO 2025 ihurije hamwe abahagarariye za Leta, abayobozi b'imiryango mpuzamahanga, abayobozi b'ibigo bikomeye, inzego zishinzwe ibipimo by'ubuziranege, imiryango y'abarengera abaguzi, ibigo by'ubushakashatsi n'abahagarariye imiryango itari iya Leta.

Iyi nama ya ISO izwi nk'inama ikomeye cyane ku Isi yiga ku bipimo mpuzamahanga by'ubuziranenge, ihuza abantu bafite uruhare mu gufata ibyemezo, guteza imbere ubucuruzi no kongera udushya n'ubuziranenge mu musaruro n'ibikorwa by'ubucuruzi.

# Ikawa y'u Rwanda yongeye kwandika amateka, ikilo kigurwa 129 000 Frw

NTAWITONDA Jean Claude

***Ikawa y'u Rwanda yongeye kwandika amateka mu ruhando mpuzamahanga, aho ikilo kimwe cyaguzwe amafaranga y'u Rwanda 129 000 mu marushanwa y'ikawa nziza zahize izindi yabaye ku nshuro ya kabiri.***

Ikigo cy'lgihugu Gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), cyatangaje ko hagurishijwe ikawa 20 nziza z'u Rwanda, zahize izindi muri iryo rushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda muri 2025 (Best of Rwanda 2025).

NEB ivuga ko izo kawa zahize izindi zatoranyijwe mu zindi 316, n'abasogongezi bo ku rwego rw'Igihugu na mpuzamahanga.

Ikawa ya Kompanyi ya K-Organics Ltd ikorera i Huye mu Ntara y'Amajyepfo ni yo



Mu ruhando mpuzamahanga, ikilo kimwe cyaguzwe 129 000 Frw mu marushanwa y'ikawa nziza zahize izindi yabaye ku nshuro ya kabiri

yaguzwe amadorali ya Amerika 88.18 ku kilo, ni ikuvuga ibhumbi 129 by'amafaranga y'u Rwanda.

Iyo kawa yahize izindi kubona igiciro gihanitse binyuze mu cyamunara mpuzamahanga cyakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga kuri uyu wa 08 Ukwakira 2025.

lki giciro gikubye inshuro 14 icyo izindi kawa zicuruzwaho muri uyu mwaka.

Karangwa Evariste, uhagarariye kompanyi ya 'K-Organics Ltd' y'i Huye ifite ikawa yaguzwe kugiciro cyo hejuru, yavuze ko "yishimiye iki giciro kuko kigiye kumufasha guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa ndetse no kuzamura imibereho myiza muri rusange.

Bizimana Claude, Umuyobozi Mukuru wa NAEB, yavuze ko umusaruro w'iri rushanwa ari ikimenyetso cy'ubufatanye bw'abari mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa, ndetse n'ubudasa bwi'kawa y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga.

Ati: "Ibi tugezeho uyu munsi ni ikimenyetso cy'umusaruro wo gushyira hamwe. Buri piganwa ryabaye kuri buri kawa mu cyamunara risobanuye kwishimira ikawa y'u Rwanda ku isoko mpuzamahanga ndetse n'ishoramari rishya ku buhinzi bw'ikawa"

Iri rushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda ribaye ku nshuro ya kabiri ritegurwa mu rwego rwo gushimira abahinzi, abatunganya ikawa n'abayohereza mu mahanga umuhate bagira mu guteza imbere ikawa y'ubwiza buhebuje, ndetse no kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda ku ruhando mpuzamahanga.

Usibye iri rushanwa, NAEB ikomeje gushyira imbaraga mu gufasha abahinzi guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa, hagamijwe kuzamura umusaruro mu bwiza no mu bwinshi, ndetse no kwagura amahirwe ku isoko mpuzamahanga.

# Abaturarwanda bashishikarizwa kuyoboka ibicanwa bitangiza ibidukikije




Abantu bagirwa inama yo gukoresha gaze n'amashanyarazi n'imbabura zirondereza ibicanwa bahungabungwa ibidukikije

NYIRANEZA Judith

*Uko abaturage biyongera, banakenera ibicanwa byinshi, bigatuma habaho kwangirika kw'ibidukikije birimo itemwa ry'amashyamba, ariko Abaturarwanda bakangurirwa kuyoboka ibicanwa bitangiza ibidukikije birimo gaze n'amashanyarazi.*

Bamwe mu bakoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije, bagaragaza ko ubwo buryo ari bwiza, bakanashishikariza abandi kubuyoboka.

Mukamwiza ukoresha gaze, yatangarije Imvaho Nshya ko gukoresha gaze ntako bisa, kuko bituma igikoni kiba gifite isuku no guteka bikihuta, umuntu ntiyicwe n'imyotsi.

Yagize ati: "Byarushaho kuba byiza, abantu bashoboye gukoresha gaze kuko ihisha vuba, kandi usanga ibyo umuntu ategura biba bifite isuku, si kimwe no gutekesha amakara urwana no kongeraho andi cyangwa inkwi wenyegeza."

Undi ukoresha imbabura yifashisha amashanyarazi yavuze ko byamuruhuye gutema amashyamba ye ahubwo ayagurisha akamufasha kwikenura.

Ati: "Mbere wasangaga ntema ibiti byo gucana, ishyamba rikazarinda rishira, none ubu nkoresha imbabura yifashisha amashyanyarazi. Byatumye ubu ishyamba rikura nkagurisha amasiteri y'inkwi, amafaranga mvanamo akamfasha kwiteza imbere."

Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu (REG) ishishikariza Abanyarwanda kuyoboka ibicanwa bitangiza ibidukikije nk'amashanyarazi na gazi hagamijwe gukumira ingaruka zituruka ku bicanwa biboneka habayeho gutema amashyamba kuko bigira ingaruka ku mihindagurikire y'ibihe ndetse no ku buzima bw'ababikoresha.

Binyuze mu ishami ryayo rishinzwe guteza imbere ibikorwa remezo by'amashanyarazi (EDCL), REG igaragaza ko ikoreshwa nabi ry'ingufu zituruka ku bimera riteza akaga kuko riteza iyangirika rikabije ry'ibidukikije by'umwihariko amashyamba bityo bikaganisha ku kuba Isi ihinduka ubutayu.

Abaturarwanda basabwa gushyira imbaraga mu ngamba zo kubungabunga amashyamba ndetse no mu gihe bakoresheje ibikomoka ku bimera bagahitamo amashyiga adakoresha ibicanwa byinshi.

Biracyagaragara ko hirya no hino mu gihugu, uburyo bukoreshwa mu guteka hakoreshejwe ingufu zituruka ku bimera ari bwo bukoreshwa n'ingo nyinshi.

Umuyobozi w'agashami gashinzwe ibicanwa muri EDCL (Social energies), Oreste Niyonsaba, atanga urugero ku igereranyabipimo ryakozwe, ryagaragaje ko gutwika amakara byangiza amashyamba inshuro zisaga 12 kurusha gukoresha inkwi mu guteka zivuye muri ayo mashyamba. Ibyo bivuze ko kugira ngo haboneke ikilo kimwe cy'amakara bisaba gutwika ibilo 12 by'ibiti.

Ati: "Nubwo tuvuga ko itwikwa ry'amakara ryangiza amashyamba kurusha inkwi, gahunda ya Leta mu buryo burambye ni ukugabanya buhoro buhoro gukoresha ingufu zituruka ku bimera, zigasimburwa n'ingufu zindi zirushaho kutangiza ikirere harimo amashanyarazi na gazi."

Yongeyeho ati: "Ni yo mpamvu Igihugu cyacu kirushaho gufata ingamba zihamye zo kongera ingano n'ubwiza bw'amashanyarazi na gazi byafasha umuturage kubibona no kubikoresha mu buryo bumworoheye."

**Zimwe mu ngamba zo gukoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije**

Kugira ngo hagabanyuke ingufu zituruka ku bimera, ahubwo hashyirwe imbaraga ku zindi ngufu zabyunganira, Leta irashishikariza abashoramari gushyira imbaraga mu bikorwa byo gushora imari mu zindi ngufu zatanga ibicangwa nka gazi, amashanyarazi, biyogazi na burikete, imisoro imwe yakuwe ku bucuruzi bwa gazi n'ibikoresho bijyana nayo.

Leta yashyizeho gahunda ya nkunganire ku mashyiga n'ibindi bikoresho bya gazi ari nako hanatangiye umushinga wo kubakira ibikoni, amwe mu mashuri yisumbuye ya Leta n'akorana na Leta ku bw'amasezerano, bizakoresha amashanyarazi na gazi hagamijwe gushishikariza ibindi bigo kwitabira iyo gahunda.

Ibigo bya Leta bisanzwe bifite abantu batekera hamwe byakanguriwe gukoresha gazi n'amashanyarazi.

Kugira ngo u Rwanda ruzagere ku ntego yo kugabanya umubare w'ingo zikenera guteka zikoresheje ingufu z'ibituruka ku bimera, zikava kuri 75% mu mwaka 2024 zikagera kuri 42% mu mwaka wa 2030, birasaba inzego zinyuranye ndetse na buri wese kumva ingaruka zituruka ku iyangizwa ry'amashyamba n'akamaro kayo, ndetse n'ibyiza byo gukoresha ibicanwa bisimbura inkwi n'amakara kandi bitangiza ibidukikije.

REG ishishikariza abagore kugira uruhare runini muri gahunda yo gukoresha amashyiga asukuye n'ikoreshwa ry'ibicanwa bitangiza ibidukikije, kuko harimo no kurengera ubuzima bw'abakoresha ibyo bicanwa bishobora kubatera indwara mu gihe batetse.

Mu zindi ngamba zafashwe kandi harimo gushyira imbaraga mu bushakashatsi no kugeza ku baturage amashyiga yujuje ubuziranenge kandi aberanye n'ibicanwa bitangiza ibidukikije.

Ubushakashatsi ku mibereho y'ingo bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare 2025(EICV 2025), bwagaragaje ko 75% by'ingo mu Rwanda zikoresha inkwi; 18,8% batekesha amakara, 0.6 % zikoresha ibisigazwa by'imyaka bahinze mu gihe 5,4% batekesha gazi, amashanyarazi na biyogazi.

Mu mujyi wa Kigali, 23% bakoresha gazi, 59% bakoresha amakara, mu gihe 17% bakoresha inkwi.





# Hatashywe imihanda ya kaburimbo ireshya na 151Km hirya no hino mu gihugu

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo n'abafatanyabikorwa bayo batashye ku mugaragaro imihanda ya kaburimbo yuzuye mu bice bitandukanye by'Igihugu, ireshya n'ibilometero 151.***

Ibirori byo kuyitaha byabereye muri Santere ya Rukomo, aho byayobowe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwaremezo, Amb. Uwihanganye Jean de Dieu, kuri uyu wa Kane tariki 09 Ukwakira 2025.

Imihanda yatashywe irimo uwa Huye-Kitabi, Rubengera-Gisiza na Rulindo- Gicumbi-Nyagatare. Abaturage bavuze ko ibice iyi mihanda inyuramo byahoze biri mu icuraburindi, ubu ngo byarakemutse.

Imihanda ya kaburimbo yubatswe hirya no hino mu gihugu ireshya n'ibilometero 151. Uwa Nyagatare-Rukomo mu Karere ka Gicumbi ureshya n'ibilometero 73, uwa Huye-Kitabi ufite ibilometero 53, mu gihe uwa Rubengera-Gisiza ufite ibilometero 25.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), yemeza ko iyubakwa ry'iyo mihanda yo mu mihora itatu, ryahanze imirimo 2.475 ndetse ikaba yitezweho kugirira akamaro kataziguye abaturage basaga miliyoni 3 mu Turere twa Nyagatare, Karongi, Gisagara, Huye na Nyamagabe.

Guverinoma y'u Rwanda ishimangira ko iyo mishinga igira uruhare rukomeye mu kwihutisha Icyerekezo 2050, Gahunda ya Kabiri y'Imyaka Itanu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), na Politiku y'Igihugu y'Ubwikorezi n'igenamigambi ryagutse muri urwo rwego rwa taransiporo.

Iyo mishinga kandi ifasha koroshya imigenderanire mu gihugu no mu Karere kuko yimakaza ubucuruzi bwambukiranya imipaka y'u Rwanda na Uganda, u Burundi, na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ari na ko yongera amahirwe yo kugera ku bigo by'uburezi, ubuvuzi n'amasoko ku baturage bo mu byaro.



Hatashywe imihanda ya kaburimbo ireshya n'ibilometero 151

Bivugwa ko iyo mihanda yubatswe mu buryo buhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe ndetse hagenda hashyirwaho n'ingamba zo kubungabunga ibidukikije mu gushyigikira amahame y'u Rwanda yo kubaka ibikorwa remezo biramba.

Umwe mu baturage bakorera muri santeri ya Rukomo mu Karere ka Gicumbi yagize ati: "Uyu muhanda utaratangira gukorwa wari urimo ibinogo, rimwe na rimwe imvura yaba yaguye ugasanga habaye impanuka zitunguranye, ariko ubungubu uko tubibona byaragabanutse, umuhanda uragendwa."

Umuyobozi Mukuru wa RTDA Imena Munyampenda, yavuze ko iyo mishinga yubatswe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mu iterambere barimo Banki y'Abarabu y'Iterambere ry'Ubukungu muri Afurika (BADEA), Ikigega cya Saudi Arabia giharanira Iterambere (SFD), Ikigega cya Kuwait gishinzwe Iterambere ry'Ubukungu ry'Abarabu (KFAED) n'Ikigega cya OPEC gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (OFID)

Ati: "Iyi mishinga igaragaza ukwiyemeza k'u Rwanda mu guteza imbere ibikorwa remezo by'ubwikorezi bigezweho kandi bidaheza, bihuza abantu n'amahirwe ndetse n'amasoko."

Iyo mihanda yashyizwemo kaburimbo, yongerwaho imiyoboro y'amazi, kuringaniza ahaterera hakajya ku rwego rwemewe n'ingamba zo kwirinda ibyago no kugabanya igiciro cy'ubwikorezi, kugabanya igihe cy'ingendo, kurushaho kunoza uburyo bwo kugera ku masoko n'imitangire ya serivisi.

Ibindi bikorwa byakozwe muri iyo mishinga harimo igikorwa gikomeje cyo gupima umuhanda Nyagatare-Rwempasha ungana na kilometero 18.5, nka kimwe mu bigize umushinga Nyagatare-Rukomo.

Nanone kandi, umuhanda Huye-Gisagara w'ibilometero 13.8 ndetse n'uwa Nyamagabe-Murambi w'ibilometero 2.8, yamaze kuzura ikaba ikubiye mu mushinga Huye-Kitabi.

Umuhanda wa Kivu Belt w'ibilometero 23 Rubengera-Gisiza, na wo waracaniwe ushyirwaho amatara yo ku muhanda.

# Perezida Kagame yitabiriye itangizwa ry'inkunga ya miliyari 160 Frw



Perezida Kagame na Perezida wa EU Commission Ursula Von der Leyen

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Perezida wa Komisiyo y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) Ursula von der Leyen, bifatanyije na Perezida wa Banki y'u Burayi y'Ishoramari Nadia Calviño n'Umuyobozi w'Ikigo BioNTech Uğur Şahin mu gutangiza inkunga ya miliyoni 95 z'Amayero, ni ukuvuga miliyari zisaga 160 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Iyo nkunga yatangirijwe gushyigikira gahunda yo gukorera inkingo muri Afurika, ikaba ikubiyemo miliyoni 40 z'amayero (miliyari 67 z'amafaranga y'u Rwanda) yagenewe u Rwanda mu gushyigikira urugendo rwo gukora inkingo n'ibindi bikoresho by'ubuvuzi.

Iyo nkunga ije yiyongera ku zindi miliyoni zikabakaba 55 z'Amayero zahawe u Rwanda binyuze mu zindi gahunda zo gushyigikira iyo ntambwe nshya rwateye ifitiye akamaro Umugabane wa Afurika muri rusange.

Ni inkunga itangwa muri gahunda yo kurushaho guteza imbere inganda z'imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi ku mugabane wa Afurika, bikaba byitezwe ko hazaboneka inyongera y'ibikorerwa ku mugabane ifatika bitarenze mu mwaka wa 2024.

Perezida Kagame yitabiriye itangizwa ry'iyo nkunga nyuma y'ibiganiro yagiranye na Perezida wa Komisiyo y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi (EU), Ursula Gertrud von der Leyen.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inama Mpuzamahanga yiga ku Ishoramari, izwi nka Global Gateway Forum, Perezida Kagame yavuze ko ubufatanye bw'u Rwanda na na EU bwatanze umusaruro ufatika urimo uruganda rukora inkingo rwa BioNTech.

Uruganda rwa BioNTech rwubatswe mu cyanya cyahariwe inganda i Masoro, rukaba ari rwo rwa mbere rufite ikoranabuhanga rigezweho rya BioNTainers rwubatswe muri Afurika mu kubaka ubushobozi bwo gukorera inkingo n'indi miti kuri uyu mugabane.

Perezida Kagame yavuze ko iyo gahunda yashobotse ku bufatanye bwa Afurika na EU binyuze muri gahunda y'ubufayanye bw'ibihugu by'u Burayi n'ibindi bihugu mu guharanira intego z'iterambere ritanga umusaruro ufatika (Team Europe).

Yavuze ko uwo mushinga ari intambwe ishimishije mu rugendo rwo gukorera inkingo mu Karere, ukaba uzagabanya kwishingikiriza ku bandi ari na ko wongera imbaraga ubushobozi bwa Afurika bwo guhangana n'ibyorezo by'igihe kizaza.

Ati: "Uru ni urugero rwiza rw'ubufatanye butanga umusaruro urenga imbibi z'igihugu kimwe. Mu gusigasira iyo ntambwe n'inyungu itanga, inzego z'imari zikwiye gushishikariza abikorera no kongerera imbaraga imikorere y'ibihugu."

Ibiro y'Umukuru w'Igihugu "Village Urugwiro" byatangaje ko ibiganiro Perezida Kagame na Ursula Von der Leyen byibanze ku bufatanye bw'u Rwanda na EU itanga mu gushyigikira urwo ruganda rukora inkingo za mRNA rwubatswe i Kigali.

U Rwanda na EU basanganywe amasezerano y'imikoranire mu nzego zitangukanye zirimo ubuzima n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Mu mwaka wa 2022, EU yiyemeje gushyigikira ibikorwa by'Ingabo z'u Rwanda byo kurwanya iterabwoba muri Cabo Delgado, yemera gutanga inkunga ya miliyoni 20 z'Amayero.



Maj Gen Emmy K. Ruvusha yaherekanyije ububasha na Maj Gen Vincent Gatama

## Maj Gen Gatama yatangiye inshingano y'ukuriye ibikorwa by'inzego z'umutekano z'u Rwanda muri Cabo Delgado

NYIRANEZA Judith

***Maj Gen Emmy K. Ruvusha yaherekanyije ububasha na Maj Gen Vincent Gatama wamusimbuye mu nshingano zo kuba Umuhuzabikorwa w'Ibikorwa by'Inzego z'Umutekano z'u Rwanda, Joint Task Force Commander, muri Mozambique.***

Ni umuhango wabereye mu Mujyi wa Mocimboa Dá Praia mu Ntara ya Cabo Delgado ku wa Gatanu tariki ya 10 Ukwakira 2025.

Muri uwo muhango, aba bayobozi bombi bashimiye Ingabo na Polisi barangije ubutumwa bwabo ku bw'ubwitange bagaragaje n'ibyagezweho bifatika mu gihe cy'umwaka bamaze mu kazi.

Mu gihe bamaze bakorera muri iyi ntara, abagize Inzego z'umutekano z'u Rwanda bakoze ibikorwa bitandukanye bigamije kurwanya iterabwoba, aho bafashe uduce twinshi twari mu maboko y'imitwe y'iterabwoba. Ibyo bikorwa byatumye abaturage benshi bari baravuye mu byabo babasha gusubira mu ngo zabo.

Byongeye kandi, Ingabo z' u Rwanda zatoje icyiciro cya mbere cy'Ingabo za Mozambique, banashimangira ubufatanye n'ingabo na polisi bya Mozambique, ndetse banafasha kubaka icyizere hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage.

Mu bari bitabiriye hari Itsinda ry'Abahuzabikorwa b'Inzego z'Umutekano z'u Rwanda ziri muri Mozambique, Abayobozi ba Polisi, Abashinzwe ibikorwa by'iperereza n'abandi basirikare.

Maj Gen Emmy Ruvusha yagizwe umuyobozi w'Ingabo z'u Rwanda zibungabunga amahoro n'umutekano mu ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique tariki ya 20 Kanama 2024.

Guhera mu 2021, u Rwanda rwohereza inzego z'umutekano muri Mozambique gukorana n'izaho mu guhangana n'ibyihebe bigendera ku matwara ya kiyisilamu byari byarigaruriye Cabo Delgado guhera mu mwaka wa 2017, bigatuma abaturage bava mu byabo.





# Kigali: Imihanda y'abanyamaguru irategurirwa kubakwa mu kirere

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko Leta y'u Rwanda iteganya kubaka imihanda yagenewe abanyamaguru inyura mu Kirere mu Mujyi wa Kigali, by'umwihariko ahambukira abantu benshi nka Nyabugogo na Nyanza ya Kicukiro.***

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr Gasore Jimmy, yabibwiye Abasenateri bagize Komisiyo y'Ububanyi n'Amahamanga, Ubutwererane n'Umutekano muri Sena, ku wa Kane tariki ya 9 Ukwakira 2025.

Minisitiri Dr Gasore yavuze ko kubera ko byagaragaye ko hari abanyamaguru bambuka umuhanda ahabugenewe bakica amategeko abagenga hatekerezwa kuzabubakira inzira zinyura mu kirere.

Ati: "Hari aho bigera abambuka bakaba benshi cyane, nka Nyabugogo, n'i Nyanza kuri Gare, ibirango birahari, ni benshi kandi bitwaza ubwo bwinshi bakavuga bati nitujyamo barahagarara. Biriya biba biduha ubutumwa buvuga ngo urwego byarurenze, tugomba gushaka indi nzira, ku buryo twagira inzira zinyura hejuru hariya ni zo ziba zisigaye."

Yavuze ko mu gice cya Nyabugogo kuhubaka izo nzira babaye babihagaritse kugira ngo bizajyane n'umushinga wo kuvugura gare.

Ati: "Icyo gihe iyo imihanda yubatswe abanyamaguru baca hejuru, imodoka zigaca munsi."

Yavuze kandi ko bazanoza ibirango by'amatara ku mihanda bigaragaza aho abanyamaguru bagomba kwambukira n'igihe batebyemerewe.

Senateri Evode Uwiziyimana yavuze ko hakwiye no gusobanurira abanyamaguru gukoresha umuhanda kuko kenshi biba bigaragara ko bateza impanuka.

Ati: "Niba ubonye itara ry'icyatsi bagufunguriye utwaye imodoka, abaturage bahita birohamo, uramutse wambutse warangaye ushobora kubagonga…"

Yavuze ko hari amatara (Feu Rouge) adakora neza agatanga ibimenyetso bitari byo aho usanga nta bimenyetso biha uburenganzira abanyamaguru cyangwa se hakaba hari ibihari bikemerera gutambuka imodoka icyarimwe n'abanyamaguru.

Hari n'ibirango mu muhanda aho abantu bambukira, biri mu makorosi, hafi ya Convention Centre ugikata iburyo.

Reba ku Kicukiro ujya Kicukiro Center, reba 'feux rouge' iri hino ya IPRC, aho kwambukira h'abanyamaguru, umuturage aba ari hafi y'imodoka naho uba wamugonga.

Senateri Nyirasafari Esperance yagize ati: "Hari igihe umugonga bitewe n'uko yitwaye, bigishwe uko bakoresha umuhanda n'uko yubakwa, byose bijyanirane twese tugire umutekano."

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo yatangaje ko hakomeje kwigwa itegeko rigenga imikoreshereze y'umuhanda kandi ryitezweho



Harateganywa kubaka imihanda yagenewe abanyamaguru inyura mu kirere mu Mujyi wa Kigali

gukemura byinshi, harimo ko abanyamaguru na bo bigaragara ko bishe amategeko y'umuhanda bazajya bahabwa ibihano.

Ku rundi ruhare n'abatwara ibinyabiziga bazajya bahabwa ibihano birimo no kwamburwa urushya rwa burundu rwo gutwara mu gihe runaka, kugira ngo bitekerezeho.

MININFRA ivuga ko byagaragaye ko hari abacibwa amande y'amakosa bakoze mu mihanda bakamera nk'aho ntacyo bibabwiye cyangwa bakabikora nkana kubera ubucuruzi bagiyemo bufite agaciro karenza amafaranga bacibwa, bityo ku kubambura impushya bizatanga umusaruro.

## U Rwanda n'u Budage byasinyanye amasezerano y'inkunga ya miliyari 30,5 Frw

NYIRANEZA Judith

***Guverinoma y'u Rwanda n'u Budage, byasinyanye amasezerano y'inkunga ingana na miliyoni 18 z'Amayero (miliyari 30,5 Frw) yo gufasha muri gahunda zigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage kandi idaheza.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono ku wa 6 Ukwakira 2025.

Muri uwo muhango u Rwanda rwari ruhagarariwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa naho u Budage hari Ambasaderi wabwo mu Rwanda, Heike Uta Dettmann.

Iyo nkunga izakoreshwa binyuze mu mishinga y'Ikigo gishinzwe gutera inkunga ibikorwa by'iterambere mu



Hasinywe amasezerano yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage

Nzego z'ibanze (LODA), kizanakurikirana imikoreshereze yayo muri gahunda ya VUP.

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa yagaragaje ibyiciro ayo mafaranga azakoreshwamo.

Ati: "Harimo ibintu 4, icya mbere ni ukunganira ingo zitishoboye ku bijyanye n'imirire, icya 2 ni ugufasha cyane cyane ingo zitishoboye, ariko abantu bakuze badashobora gukora n'abafite ubumuga, bahabwa amafaranga abafasha kugira ngo babeho.

Icya 3 ni ugufasha mu bijyanye no gushaka imirimo, gufasha abatishoboye kubona imirimo cyane cyane imirimo ijyanye no gutunganya ibikorwa dukeneye mu Turere dutandukanye, mu Mirenge mu Midugudu, naho icya kane ni ugufasha ingo zitishoboye mu gihe zihuye n'ibibazo bitandukanye nk'ibiza n'ibindi."

U Rwanda n'u Budage bisanzwe bifitanye umubano mwiza kandi w'igihe kirekire ukaba ugaragarira mu bufatanye butandukanye burimo ibyerekeranye n'ubuzima, ubuhinzi, ubucuruzi n'ibindi.

U Budage busanzwe bufasha u Rwanda mu nzego zitandukanye aho tariki 25 Nyakanga 2023 ibihugu byombi byatangije ikigega cya miliyoni 16 z'amayero (asaga miliyari 20 mu mafaranga y'u Rwanda) kigamije kuzamura imibereho y'abaturage bakennye cyane bo mu Turere 16 two mu Ntara zose.

Amafaranga yo mu kigega cyiswe "Pro Poor Basket Fund" yashowe mu bikorwa remezo by'ubukungu bihindura imibereho y'abaturage bijyanye no gutanga akazi kuri benshi higanjemo abagore.

Ni amafaranga yari agenewe gukoreshwa mu mishinga y'isuku n'isukura, kongera ibikorwa remezo by'ubuvuzi, amashuri abanza, ayisumbuye ndetse no mu bikorwa remezo by'ubuhinzi n'ubworozi birimo ibitunganya umusaruro n'amasoko.

Mu 2022 u Budage bwemereye u Rwanda inkunga ya miliyoni 98.1 z'amayero ni ukuvuga ayakabakabaga miliyari 100 z'amanyarwanda, yifashishijwe mu bikorwa bitandukanye bigamije iterambere birimo kuzamura urwego rw'uburezi bw'imyuga n'ubumenyi ngiro, ubuvuzi no gukora imiti n'inkingo, kurengera ibidukikije n'ibindi.

# Imbwirwaruhame za Tshisekedi zigamije gusinziriza abantu - Sen. Evode Uwizeyimana

**KAYITARE Jean Paul**

***Ukwiyererutsa kwa Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, no guhindura umwanya wo kubaka ubutwererane mu ishoramari akawugira umwanya wo kwibasira u Rwanda, kubonwa nk'uburyo bwo gushaka gusinziriza amahanga ntiyite ku kuba ari we nyirabayazana w'ibibazo igihugu cye gikomeje guhura na byo.***

Senateri Evode Uwizeyimana, impuguke mu mategeko mpuzamahanga, ni umwe mu bahamya ko ibyavuzwe na Perezida Tshisekedi, ubwo yari mu nama mpuzamahanga yiga ku ishoramari 'Global Gatway Forum' mu Bubiligi, yabikoze agamije gusinziriza abantu.

Iyo nama yitabiriwe n'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma ndetse n'Ibigo by'ishoramari bigera ku 150, Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ukaba warashyizeho urwo rubuga mu kurushaho kwagura imikoranire n'ibihugu by'Afurika mu ishoramari.

Muri iyo nama, Tshisekedi wafashe ijambo akurikiye Perezida Kagame, yavuze ko yakoze ibishoboka byose ngo yubahirize ibyo yasabwaga byose agerageza guharanira amahoro.

Mu buryarya bwinshi yavuze ko we na Perezida Kagame ari bo bashobora gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC, ati: "Ndahamagarira iyi nama n'Isi yose kuba umuhamya, ko ngutegeye ikiganza, Nyakubahwa Perezida, ngo dushyireho amahoro."

Senateri Evode avuga ko Perezida Tshisekedi yakoresheje umwanya yahawe muri iyi nama, ashaka kwigira nk'umuntu ufite ubushake bwo gukemura ibibazo, avuga ko abona Perezida Tshisekedi ari umuntu ubeshya abaturage be no gukomeza gufata u Rwanda nk'aho ari rwo ntandaro y'ibibazo byose Leta ya Congo ifite.

Agira ati: "Afite abamurwanya mu rwego rwa gisirikare ariko afite n'ibibazo bya Politiki we yananiwe gukemura ku buryo njye ntekereza y'uko Perezida Tshisekedi ari umuntu ufite imbwirwaruhame isinziriza abantu, akaba ari n'umuntu ushobora gutungurana isaha iyo ari yo yose."

Perezida Tshisekedi yafashe umwanya munini muri iyi nama agaragaza ibibazo by'umutekano muke uri mu gihugu ndetse agaragaza ko we na Perezida Kagame ari bo bonyine bashobora gukemura ibibazo by'uwo mutekano muke.



Senateri Evode Uwizeyimana yagize icyo avuga ku mbwirwaruhame za Perezida Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo

Ibyo Perezida Tshisekedi yavugiye muri iyi nama, Senateri Evode Uwizeyimana avuga ko ari urwiyererutso bitewe n'ibikorwa bindi byagiye bigaragara birimo kwanga gusinya amasezerano yabaga agiye kugerwaho hagati y'u Rwanda n'icyo gihugu.

Ati: "Ni umuntu gashozantambara, ni umuntu wagiye avuga ko ashaka gukuraho ubutegetsi bw'u Rwanda inshuro nyinshi, ni umuntu wafashije FDLR akayishyira mu ngabo ze.

Ni umuntu wagerageje kuba intambamyi ku mahoro ashakishwa muri aka Karere ariko kuvuga ngo nta gihugu na kimwe yigeze ashotora cyangwa abanira nabi mu bihugu icyenda bituranye na Congo by'umwihariko ngo u Rwanda na Uganda, abantu twese byadutangaje."

Uwizeyimana avuga ko bigoye muri iki gihe gusesengura imvugo za Perezida Tshisekedi.

Akomeza agira ati: "Ni umuntu ushaka kwiyerekana nk'umunyamahoro, kwiyerekana nk'umuntu ushaka amahoro, kwiyerekana ko ashobora kwicara akaganira n'abaturanyi ku bibazo.

Ariko ni umuntu uhakana abaturage be akabita abanyamahanga, akajya kuzana abacanshuro, akiruka Isi yose ashaka abantu bamufasha kubatsinsura no kubarwanya, njye ndatekereza ko imbwirwaruhame za Perezida Tshisekedi zizashyira zibe akananirabahinga nk'uko abaturanye bo mu Majyepfo babivuga."

Imbwirwaruhame za Perezida Tshisekedi yavuze mu gihe cyo kwiyamamaza bishoboka ko ngo yijeje abaturage ibyo atazakora.

Ku rundi ruhande, Senateri Evode agaragaza ko ibikorwa bya Tshisekedi wabonaga ari umuntu uhamanya n'ibyo avuga kandi ko yiteguye kuzana intambara i Kigali ngo akayirangiriza aho ituruka.

Agaragaza ko hari amasezerano aba ageze igihe cyo gusinywa, Perezida Tshisekedi akabuza intumwa ze kuyashyiraho umukono.

Akomeza agira ati: "Kugeza ubungubu biragoye kumenya Perezida Tshisekedi kuko hari icyubahiro tugomba Abakuru b'Ibihugu ariko ari nk'umuntu usanzwe wavuga ngo afite ibibazo bitagenda neza.

Wavuga ngo dufate iki tureke iki mu bintu Tshesekedi avuga kuko ameze nk'umwana ukubwira uyu munsi ngo ndabyemeye, mu masaha abiri akakubwira ngo ndabyanze, simbizi ngo umuntu yamufata gute, […] icyo u Rwanda rwakoze ni ukwitegura kuko niba umuntu avuze ngo nzaza kukurasa, wowe ntiwaryama ngo uvuge ngo uriya ni ko yabaye yivugira ibyo abonye."

Umuvugizi w'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu, Stephanie Nyombayire, abinyujije kuri X na we yunze mu rya Senateri Evode Uwizeyimana ko Perezida Tshisekedi yiyerurukije imbere y'amahanga yiyerekana nk'ushaka amahoro, mu gihe ibikorwa bye bivuga ibitandukanye.

Yagize ati: "Yiyambuye isoni, yiyambitse umwambaro wo gukunda amahoro, yirengagije inshuro nyinshi yakangishije gutera u Rwanda ngo akureho ubuyobozi.

Ibi byakurikiwe n'ibyo akunze gukora: kwigira inzirakarengane y'amakimbirane yateje ndetse akaba yarirengagije kuyakemura."

Nyombayire yakomeje avuga intango y'amahoro yagaragaje uyu munsi ko yazanye, bisobanuye "Guha intwaro no gufasha FDLR, umutwe w'abajenosideri, ndetse akayinjiza mu ngabo ze z'Igihugu.

Gushyigikira imitwe itoteza, ikica, igatwika Abanyekongo ari bazima bishingiye ku bwoko.

Kwima M23 uburenganzira bwo kwitwa Abanyekongo mu kwirengagiza inshingano zo gukemura amakimbirane. Gusaba ubufasha buri mugabane, hanyuma agahindukira akaduruvanga intambwe yose y'amahoro."

Yakomeje avuga ko kandi ibindi akora birimo guha akazi abacanshuro ngo barwane intambara ze; gusiga u Rwanda icyasha avuga ko ari rwo ruteza Igihugu cye kutagira icyo kimarira abaturage, mu gihe abayobozi basahura umutungo w'Igihugu utagira ingano bafatanyije n'inshuti zabo n'imiryango.

Nyombayire yakomeje yibutsa ibyavuzwe na Perezida Kagame ko "Nta mpamvu yo gutera amagambo n'abahora basubiramo ibinyoma byabo ... Nta somo u Rwanda rukwiye kwigishwa ku gisobanuro cy'amahoro, twebwe twarwaniye amahoro tuzi ikiguzi cyayo."

Perezida Kagame mu mvugo ijimije yavuze ko umuntu ugira ikibazo urusaku rw'ingunguru irimo ubusa na we aba afite ikibazo, ati: "Urayireka igahita cyangwa ukayitaza."





# MINALOC yakanguriye buri wese kwita ku masaziro y'abakuze



Abageze mu zabukuru ni abo kwitabwaho kuko imisanzu yabo igira uruhare mu iterambere

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Habimana Dominique yakanguriye Abanyarwanda kugira uruhare mu kwita ku bakuze, kugira ngo bagire amasaziro meza.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 7 Ukwakira 2025, mu Karere ka Karongi, Umurenge wa Gishyita hizihirijwe ku rwego rw'Igihugu, Umunsi Mpuzamahanga w'abageze mu za bukuru.

Yagize ati: "Kwizihiza uyu munsi ni muri gahunda yo gukomeza gukangurira Abanyarwanda kwita ku bageze mu zabukuru no kwita ku batishoboye. Dukangurirwa kubashyigikira ngo bagire amasaziro meza."

Yongeyeho ati: "Kugira ngo Igihugu cyacu gikomeze gutera imbere mu buryo burambye, biradusaba gutangira kare, tugategura ejo heza hacu cyane cyane abakiri bato, dukora kandi tukizigamira muri Ejo Heza n'ahandi kugira ngo igihe tuzaba tutakibasha gukora tuzabone ibidutunga bikwiriye."

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti 'Twite ku bageze mu zabukuru dutegura ahazaza heza h'abakiri bato nk'inkingi mu iterambere rirambye'

By'umwihariko mu Rwanda, kwita ku bageze mu zabukuru bishimangirwa na politiki y'Igihugu yashyizweho mu 2021 yibanda ku nkingi y'ubuzima, ubukungu, imibereho myiza n'ubusabane hagati y'abato n'abageze mu zabukuru.

Ikindi ni uko guteganyiriza izabukuru bitangira hakiri kare, abantu bagifite imbaraga zo gukora kugira ngo uko kwiteganyiriza bakoze kuzabagoboke mu gihe bazaba batagifite imbaraga zo gukora, ntibabere umutwaro imiryango yabo na Leta murirusange, ahubwo imigabane yabo ikagira uruhare mu iterambere.

Hari gahunda zitandukanye zishishikariza abantu guhera bakiri bato kwizigam, haba mu mabanki, ubwiteganyirize ku bakozi, Gahunda ya Ejo Heza, inkunga y'ingoboka ihabwa (amafaranga) abageze mu zabukuru batishoboye.

Abageze mu zabukuru biyemeje gutoza abato umurimo kugira ngo bazagire uruhare mu iterambere ry'Igihugu kuko hari gahunda Leta yashyizeho zibungabunga imibereho yabo.

Uhabwa amafaranga y'ingoboka yavuze ko amufasha kubona icyo arya, ayo yishyura umuhinzi, akagura n'amatungo.

Yagize ati: "Kuva nafata ayo mafaranga sinabuze umuhinzi, sinigeze nsonza nizabuze icyo nambara, ayo mfashe nyaguramo itungo, ibyo bigatuma ntagira icyo mbura."

Uhagarariye abari mu zabukuru, Abimana Mathias yavuze ko bazakomeza kugira inama abakiri bato.

Ati: 'Tuzakomeza gusangiza urubyiruko ubunararibonye n'ubumenyi, tukabagira inama tunabafasha kurinda indangagaciro zubaka u Rwanda twifuza, gukora bagatera imbere, bagakunda Igihugu cyabo, gukora kandi bagahora iteka bubaka u Rwanda rurangwa n'ubumwe, rurangwa n'amahoro."

Mu kwizihiza ibyo birori hatanzwe inka n'ibiryamirwa ku bageze mu zabukuru batishoboye.

Mu Rwanda, abageze mu zabukuru barengeje imyaka 60 ni 6.5% by'abaturage bose, abenshi bakaba batuye mu Ntara y'Amajyepfo ahabarurwa 243 644. Abageze mu zabukuru batishoboye bahabwa inkunga y'ingoboka ni 86 654.

Imibare igaragaza ko ubwiyongere bw'abatuye Isi, mu cyiciro cy'abageze mu zabukuru, umubare wabo urushaho kuzamuka cyane cyane mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere.

Umunyamabanga Mukuru wa Loni Antonio Guterres yavuze ko kwita ku bantu bakuze ari inshingano ya buri wese kuko na bo imisanzu yabo igira uruhare mu iterambere no gufasha Isi kugera ku ntego yihaye ijyanye n'imibereho myiza.

Yagize ati: "Nkuko insanganyamatsiko y'uyu mwaka itwibutsa, abantu bakuze ni imbaraga zikomeye z'impinduka. Bagomba kugira ijambo mu gushiraho politiki, gukuraho ivangura rishingiye ku myaka, no kubaka sosiyete."

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'abasaza, wizihizwa buri mwaka ku ya 1 Ukwakira, Umuryango w'abibumbye usaba ko hakoreshwa imisanzu y'abakuze ubona akenshi idahabwa agaciro hakanashyirwaho uburyo bwo kubitaho kugira ngo bateze imbere imibereho yabo no gutuma bagira uruhare mu iterambere.



Abageze mu zabukuru batishoboye bagabiwe inka



Abana bahawe amata mu rwego rwo kuboneza imirire

Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS), Dr. Tedros Adhanom Ghebreyesus yagize ati: "Mu mwaka wa 2050, umuntu umwe kuri batanu ku Isi azaba afite imyaka 60 cyangwa irenga. Intego yacu ni ukureba ko abantu bose bakuze bashobora kubona serivisi z'ubuzima bakeneye, uko ubuzima bwabo bwaba bumeze kose n'aho baba hose."

Loni igaragaza ko umubare w'abantu bafite imyaka 60 cyangwa irenga wikubye inshuro zirenga ebyiri, uva kuri miliyoni 541 mu 1995 ugera kuri miliyari 1,2 mu 2025, bikaba biteganyijwe ko uzagera kuri miliyari 2,1 mu 2050. Mu 2080, abantu bafite imyaka 65 kuzamura bazaba baruta abana bari munsi y'imyaka 18.

Impuzandengo y'icyizere cyo kubaho ku Isi cyageze ku myaka 73.5 mu 2025, kikaba cyariyongereyeho imyaka 8,6 kuva mu 1995.

Mu 2030, biteganyijwe ko abatuye Isi bakuze bazaba barenze umubare w'urubyiruko bakikuba kabiri umubare w'abana bari munsi y'imyaka itanu.



Inzu zatangiye gusenywa ni izegereye ku muhanda

# Kigali: Hatangiye gusenywa ahazagurirwa umuhanda Masaka-Giporoso

KAYITARE Jean Paul

***Inzu z'ahazwi nko Mu Giporoso mu Mujyi wa Kigali zatangiye gusenywa, Minisiteri y'Ibikorwa Remezo ikaba yatangaje ko uyu muhanda ugomba gutangira gukorwa.***

Mu kwezi kwa Kamena 2025 Umujyi wa Kigali wari wagaragarije Inteko Rusange yahurije hamwe inzego zibanze ko umuhanda Prince House-Masaka uzatangira kubakwa mu kwezi kwa Nyakanga 2025.

Abagenda mu Giporoso batangiye kubona bimwe mu bimenyetso by'uko igikorwa cyo kubaka uyu muhanda byatangiye, nyuma yo kubona ko hari inyubako ziri kuri uwo muhanda zatangiye gusenywa.

Ni mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'umuvundo w'imodoka ugaragara mu Mujyi wa Kigali.

Mu kiganiro kigufi Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr Jimmy Gasore yahaye Imvaho Nshya, yagize ati: "Umuhanda ugomba gutangira gukorwa ariko sinshobora nonaha kumenya ko ibyakozwe uyu munsi, niba bifitanye isano na wo."

Kamurase Fred umwe mu bafite ibikorwa by'ubucuruzi Mu Giporoso yavuze ko basabwe kuvana mu maduka ibicuruzwa byabo kuko hagiye gusenywa.

Ibi abihuriraho na Ntagungira Simon uvuga ko amaze iminsi atagikorera mu Giporo kuko bategujwe hagiye gutangira ibikorwa byo kwagura umuhanda.

Yagize ati: "Badusabye ko twashaka ahandi twakodesha kuko aho dukorera bagiye kuhasenya mu rwego rwo kwagura umuhanda."

Ibikorwa byo gusenya inzu mu Giporo no ku muhanda ukomeza ujya i Masaka, byagaragaye kuri uyu wa Gatatu tariki 08 Ukwakira 2025.

Gahunda yo kuvugurura uyu muhanda imaze igihe kinini kuko muri Kamena 2019, Guverinoma y'u Rwanda yagiranye n'iy'u Bushinwa amasezerano y'impano ya miliyoni 42,8$ yo kwifashisha mu kuyishyira mu bikorwa.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Ubwikorezi (RTDA), kivuga ko uyu muhanda ureshya n'ibilometero 10,3 uzahabwa ibice bine.

Ubusanzwe wari ufite ibice bibiri binyuramo ibinyabiziga bijya mu byerekezo binyuranye.

Uzashyirwaho igice cyo hejuru mu rwego rwo kugabanya umuvundo uwugaragaramo. Ni igice kizaba kireshya na kilometero 1,3.

Kizava ahazwi nko kuri Prince House i Remera ku gahanda kava kuri Stade Amahoro kinjira mu muhanda mugari, ugere ahazwi nko ku Cyamitsingi mu Karere ka Gasabo, ku masangano y'imihanda irimo ujya ku Kibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Kigali n'undi ujya i Masaka.

Icyo gice kizaba kigizwe n'imihanda ine (ibiri yo hasi n'indi nk'iyo yo hejuru) buri umwe ufite ibisate bibiri.

Hari ikindi gice kigizwe n'ibilometero icyenda, kigizwe n'umuhanda uzaba ufite ibice bine buri cyerekezo gifite bibiri. Uzahera ku Cyamitsingi ugere ku Bitaro bya Masaka.

RTDA iherutse kuvuga ko kugira ngo hagerwe ku rugero rwo kubaka imihanda yo mu kirere biba byatewe n'imodoka nyinshi, ariko ko bikorwa mu byiciro byagenwe bijyanye n'uko imodoka ziyongera.

# Bishop Gafaranga yarekuwe

UBWANDITSI

***Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwahamije Habiyaremye Zacharie wamenyekanye nka Bishop Gafaranga icyaha cyo guhoza ku nkeke umugore we no gukubita no gukomeretsa rumuhanisha igifungo cy'umwaka umwe usubitse, ruhita rutegeka ko arekurwa.***

Icyemezo cy'urukiko cyatangajwe kuri uyu wa Gatanu, tariki 10 Ukwakira 2025.

Bishop Gafaranga wari ukurikiranyweho ibyo byaha afunzwe, urukiko rwategetse ko ahita afungurwa kuko yahanishijwe igihano cy'umwaka umwe usubitswe n'ihazabu y'ibihumbi 100 Frw.

Ubwo yaburagana mu mizi ku wa 15 Nzeri, Ubushinjacyaha bwari bwasabiye Bishop Gafaranga guhamwa n'ibyaha agahanishwa igifungo cy'imyaka itanu.

Icyo gihe bwasobanuye ko ku cyaha cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe, yahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka itatu n'ihazabu y'ibihumbi 300 Frw, icyo guhoza ku nkeke agahanishwa igifungo cy'imyaka ibiri, bityo kuko habayeho impurirane mbonezabyaha agahanishwa igifungo cy'imyaka itanu.

Bishop Gafaranga yaburanye ahakana icyaha ariko agasaba imbabazi z'amakosa yaba yarabayeho mu rugo rwe yatumye umugore we Murava Annet amurega.



Bishop Gafaranga yakatiwe igifungo cy'umwaka umwe usubitse, ahita arekurwa

Iki gihano yahawe gisubitswe mu gihe cy'umwaka umwe nk'uko Urukiko rwabitegetse. Ibi bivuze ko mu gihe yakora icyaha muri iki gihe cy'umwaka yasubikiwe igihano yahanwa haherewe kuri uyu mwaka umwe yakatiwe mu rukiko.

Uyu mwaka ubarwa uhereye ku isomwa ry'icyemezo cy'urukiko, bivuze ko nushira uregwa adakoze icyaha, igihano cye kizaba kirangiye kitazaherwaho aramutse akoze icyaha nyuma nk'uko byari kugenda muri uwo mwaka.

Bishop Gafaranga yatawe muri yombi ku wa 7 Gicurasi 2025. Bivuze ko yari amaze amezi atanu n'iminsi itatu afunzwe.





# Musanze: Bafatanywe metero 250 z'insinga z'amashanyarazi bazitwaye mu modoka

NGABOYABAHIZI Protais

***Abagabo batatu batawe muri yombi bafatiwe mu muhanda Musanze-Kigali, nyuma yo gusanganwa insinga zireshya na metero 250 bazikuye mu Murenge wa Rurembo mu Karere ka Nyabihu.***

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, IP Ignace Ngirabakunzi, yavuze ko aba bantu bafashwe batwaye izo nsinga mu modoka yo mu bwoko bwa hilux ku bufatanye n'abaturage.

Yavuze ko abaturage bari batanze amakuru ko hari ahantu hari hibwe insinga z'amashanyarazi hanangijwe ibikorwa remezo.

Yagize ati: "Bafashwe biturutse ku makuru yatanzwe n'abaturage, aho imodoka yari yatanzweho amakuru yahagaritswe, basangwa ipakiye insinga z'amashanyarazi zidafite inkomoko izwi. Twibutsa buri wese ko gucuruza cyangwa gutwara insinga zakoreshejwe bitemewe kuko ari ubujura buhembera umutekano muke."

Yakomeje avuga ko ubujura bw'insinga z'amashanyarazi budindiza gahunda yo gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi hirya no hino mu gihugu, kuko aho ziba zibwe abaturage basigara mu mwijima, bigatuma ibikorwa by'iterambere bihagarara.

IP. Ngirabakunzi ashimira abaturage bakomeje kubafasha mu gutanga amakuru, kandi akangurira buri wese kwirinda ibikorwa byo kwangiza ibikorwa remezo kuko ari igihombo ku gihugu cyose.

Bamwe mu baturage bo mu Mujyi wa Musanze bavuga ko abiba insinga z'amashanyarazi bateza ingorane zikomeye zirimo ibura ry'umuriro, kudindiza ubucuruzi n'imibereho y'abaturage.

Nyiramana Egidia utuye mu Murenge wa Muhoza, yagize ati: "Iyo insinga zibwe, umuriro urabura iminsi myinshi. Nkatwe dukoresha imashini z'ubudozi n'ububoshyi, duhita duhagarika imirimo. Ibyo bituma duhomba, n'imiryango myinshi igatakaza ibyo yakoreraga mu ngo zabo."

Kabano Jean Bosco, umucuruzi wo mu Mujyi wa Musanze, na we yongeraho ati: "Kwangiza ibikorwaremezo Leta yubaka bitwara amafaranga menshi ni igihombo gikomeye ku gihugu. Iyo insinga zibwe, n'amaduka, amahoteri n'amaresitora birahagarara. Ababikora baba bangije ibikorwa by'iterambere byose."

Singirankabo Eugene, utuye hafi y'aho abajura bafatiwe, yongeyeho ati: "Iyo umuriro ubuze kubera insinga zibwe, abana ntibiga nijoro, ibikoresho by'amavuriro ntibikore. Ababikora baba bateje ibibazo abaturage bose. Turashimira Polisi n'abaturage batanze amakuru, dukwiye gukomeza gufatanya."



U Rwanda rushobora kuzaba ruyoboye muri Afurika mu gukoresha imodoka z'amashanyarazi bitarenze 2030

Abakora iri kosa bahanwa n'Ingingo ya 182 yo mu Itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange (N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018) ivuga ko: "Umuntu wese utembura, usenya, cyangwa wangiza ikorwaremezo ry'amashanyarazi, itumanaho, amazi, imihanda cyangwa ibindi bikorwa remezo by'ubutegetsi cyangwa by'abikorera, aba akoze icyaha."

Icyo cyaha gihanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuri 15 n'ihazabu iri hagati ya miliyoni 5 kugeza kuri miliyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda, bitewe n'uburemere bw'igihombo cyatewe.

Polisi y'u Rwanda yasabye abaturage gukomeza gufatanya n'inzego z'umutekano mu kurwanya ubujura n'ikwangiza ry'ibikorwaremezo by'igihugu, kuko bigira ingaruka ku iterambere n'umutekano w'abaturage.

Abafashwe bafungiye kuri sitasiyo ya Polisi ya Muhoza, mu gihe iperereza rigikomeje kugira ngo hamenyekane inkomoko n'aho izo nsinga zari zijyanywe.



Ntuyahaga Josephine uba mu nzu ikingishije urugi yatijwe n'umuturanyi, arifuza ko yafashwa kuyikinga no kuyitunganya

# Rubavu: Uba mu nzu ikingishije urugi yatijwe n'umuturanyi arasaba ubufasha

KWIZERA Jean de Dieu

***Ntuyahaga Josephine wo mu Mudugudu wa Rusongati, Akagari ka Gisa, Umurenge wa Rugerero, umutiungito wasenyeye inzu mu 2016, arasaba ubufasha bwo kunganirwa kuzuza inzu ye yagiyemo itarangiye kubera ubushobozi buke.***

Nyuma yo kugira icyo kibazo cy'umutingito, ukamusenyeraho inzu, avuga ko yatangiye gucumbikirwa n'abaturanyi, nyuma bakaza kumufasha kubumba amatafari yo kongera kubaka iyo nzu ye yari yagiye hasi yose ariko ngo kugeza ubu akaba yarayigiyemo idakinze neza bityo akaba afite impungenge z'ubuzima bwe ari na yo mpamvu asaba ubufasha bwo kunganirwa akabasha gukinga inzu ye no kuyihoma.

Yagize ati: "Muri icyo gihe nari mbayeho mu buzima bubi cyane. Nari ntunzwe no guca inshuro nazo zitabashaga kuboneka neza, ubwo rero uwo mutingito uje uyishyira hasi ubwo muri icyo gihe ngirwa n'umuturanyi wahise amfasha antiza igikoni cye aba ari cyo mbamo."

Akomeza avuga ko abifashijwemo n'abaturage, mu 2020 batangiye kumubumbira amatafari yo kugira ngo iyo nzu yari yaguye bayubake, kugeza isakawe, ayijyamo idakinze

Yagize ati: "Muri icyo gihe abaturanyi batangiye kumfasha kubumba amatafari, inzu barayizamura, mbona umugiraneza ampa amabati nanjye ngurisha agatungo nagiraga ndongeranya ubushobozi bushira idakinze nyijyamo gutyo. Ubwo bukeye naje kubona umugiraneza wavuze uti ntabwo wakomeza gukingisha ihema reka mbe ngutije urugi."

Yakomeje agira ati: "Ubu ndasaba Leta ubufasha bwo gukinga iyi nzu no kuba bayindangiriza kuko ntewe impungenge n'ibisambo n'abagiranabi bashobora gusunika uru rugi cyangwa bagaca mu idirishya kuko ntabwo rifunze kandi bamfashije kuyitera agasima baba bankoreye kuko sinkibona n'aho guca inshuro."

Umuturanyi we, Nyiransengiyumva Marie Goreth yabwiye Imvaho Nshya ko Leta yamufasha gukinga inzu ye kuko bo nk'abaturanyi hari aho bagejeje imbaraga zikabashirana.

Ati: "Uyu mubyeyi yararaga adafunze kuko yashyiraga ku muryango imifuka. Twaramufashije, dushiriwe tumukorera ubuvugizi dutegereza ko bamufasha turaheba. Bamufashe gukinga kuko nk'uru rugi ntabwo ruhakwiye ndetse nta n'amadirishya irimo ndetse ntiyanarangiye neza."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rugerero Uwajeneza Jeannette yabwiye Imvaho Nshya ko ikibazo cy'uwo mubyeyi yakimenye kandi ko bagiye kumufasha gushyiraho umuganda umufasha guhoma neza inzu ye no kumushakira inzugi n'amadirishya.

Yagize ati: "Ni byo uwo mubyeyi afite ikibazo cy'uko inzu abamo itarimo amadirishya ndetse n'inzugi kandi idahomye ariko tugiye kumufasha gushyiraho umuganda w'abaturage tumufashe guhoma inzu ye ndetse no kuyishakira amadirishya n'inzugi."

Ntuyahaga avuga ko aramutse ahawe ubufasha byamufasha kuba mu nzu ikinze kuko we ubushobozi bwamaze kumushirana.

# Muhanga: Umaze imyaka 6 asembera yahawe inzu, ashimira Perezida Kagame



Inzu yubakiwe Mukanyandwi wari umaze imyaka itandatu asembera

UWIZEYIMANA Aimable

***Mukanyandwi Marceline wo mu Murenge wa Kabacuzi mu Karere ka Muhanga, arabyinira ku rukoma nyuma yo gukizwa gusembera yari amaze imyaka itandatu kubera ko inzu ye yasenywe n'ibiza mu mwaka wa 2019.***

Uyu mu byeyi arashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame wimakaje imiyoborere myiza yita ku bibazo by'abaturage, kuko na we ubuyobozi bwabonye ikibazo yari afite kandi bukagikemura bumuha aho gutura mu buryo burambye.

Inzu ya Mukanyandwi imaze gusenywa n'ibiza byo mu mwaka wa 2019, we n'umwana we ndetse n'umwuzukuru umwe babana batangiye gucumbikirwa n'abaturage, ariko ntaho yamaraga igihe kinini ahubwo yahoraga yimuka mu baturanyi.

Yahawe inzu amaze igihe asembera kuko n'akazu gato yari amaze iminsi acumbikiwemo yari yakambuwe,a ariko ku rundi ruhande ubuyobozi bw'Umurenge wa Kabacuzi wari umuhishiye byinshi.

Nyuma yaje gushyikirizwa iyo nzu ifite agaciro ka miliyoni zisaga 3 z'amafaranga y'u Rwanda yubatswe ku bufatanye bw'ubuyobozi bw'Umurenge n'abaturage.

Kuri ubu, Mukanyandwi Marceline arashimira Perezida wa Repuburika Paul Kagame wazanye imiyiborere yita ku muturage yatumye ava mu icumbi, bikaba ari nyuma yo kubakirwa inzu kuko iyo yari afite yari yaratwawe n'ibiza.

Avuga ko yahoraga abunza imitima atarabona inzu yo kubamo none uyu munsi anyuzwe n'uko atazongera kugira ikibazo cy'icumbi.

Ati: "Ubu jyewe nyuma yo kubakirwa inzu yo kubamo, nkaba ntazongera kugira ikibazo cy'icumbi, nta kindi navuga atari ugushimira Perezida wa Repuburika Paul Kagame kuko iyo ataba we wazanye imiyiborere yita ku muturage. Ntago nari kubona icumbi ryo kubamo, cyangwa ngo ubuyobozi bumanuke buze bubone ko mfite ikibazo cyo kutagira icumbi ryo kubamo."

Umuturanyi we witwa Mukamurenzi Primitive nawe yashimiye ubuyobozi bwiza burangajwe imbere na Perezida Kagame bushyira umuturage ku isonga.

Ati: "Ndashimira Nyakubahwa Perezida wacu watwegereje abayobozi bamanuka tukabana na bo, bakamenya ibibazo duhura na byo, kuko iyo ataba imiyiborere myiza yita ku muturage ntabwo uyu muturanyi wanjye aba abonye aho guhengeka umusaya heza."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline, yashimiye ubuyobozi bw'Umurenge bwafashije kubona umuturage aho aba hatekanye, yibutsa abahabwa ubufasha nk'ubwo kubufata neza, bakabuheraho na bo biteza imbere.

Yavuze ko uretse Mukanyandwi, buri mwaka hari abaturage batuzwa heza n'ubuyobozi, ndetse n'abahabwa ubufasha butandukanye buzamura imibereho yabo.

Ati: "Abo bose icyo basabwa kandi bahuriyeho, ni ugufata neza ubufasha bahabwa, kugira ngo bubabere imbarutso yo gutangira na bo kwishakamo ibisubizo by'iterambere bahereye kuri bwa bufasha bagenerwa."

Imibare itangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhanga, igaragaza ko mu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2024-2925, imiryango igera kuri 36 yabonye aho kuba itaragiraga icumbi na ho imiryango 24 isanirwa inzu mu buryo bunoze.

Iyo miryango yiyongeraho n'iyo abafatanyabikorwa bubakiye, n'aho uyu mwaka wa 2025-2026 hakaba hari gahunda yo kubakira imiryango igera ku 141, ifite inzu zasenyewe n'ibiza aho biteganyijwe ko mu kwezi k'Ukuboza muri uyu mwaka yaruzuye, naho imiryango 72 yo ikazasanirwa amazu ifite atameze neza.

Ibi bikazakorwa ku ruhande rw'ubuyobozi bw'Akarere hatabariwemo izubakirwa n'abafatanyabikorwa b'aka Karere.

Yari amaze imyaka itandatu acumbikiwe n'abaturage, n'ubu n'inzu yari acumbikiwemo bari bakamukuyemo yasemberaga.

Uyu mubyeyi afite abana batatu, akaba abana n'umwe wabyariye iwabo.

Inzu yubatswe n'ubuyobozi bw'Umurenge, abaturage bamufasha kubaka ibikoni. Ifite agaciro ka miliyoni zirenga eshatu.

# Rusizi: Yatwikishije umugore we amavuta yatuye

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Nzeyimana Fanta w'imyaka 42 utuye mu Mudugudu wa Mugerero, Akagari ka Kabuye, Umurenge wa Nyakarenzo, Akarere ka Rusizi, yatawe muri yombi nyuma yo gutwikisha amavuta yatuye umugore we wamubuzaga gushyamirana n'umuturanyi.***

Bivugwa ko uyu mugabo yongeye gutabwa muri yombi nyuma y'ukwezi kumwe gusa avuye mu Kigo Ngororamuco (Transit Center), aho yari amaze amezi atatu agororwa kubera imyitwarire idahwitse.

Umuturanyi w'uwo muryango yabwiye Imvaho Nshya ko Nzeyimana yatwitse umugore we ubwo yatahaga nijoro yasinze agatangira kubwira umuturanyi wabo ko ari we wamufatishije amushinja ubujura no guhohotera umugore we, akamara amezi atatu mu kigo ngororamuco.

Ati: "Bakomeje gushyamirana cyane hafi yo kurwana, umugore abonye ubu bushyamirane bushobora kuvamo imirwano ahamagara umugabo we, aramubwira ati, 'Urakomeza gushyamirana n'umuturanyi mu biki? Ko wafungishijwe n'amakosa yawe, uwo uramuziza iki watashye?"

Aho gutaha ngo atuze, bivugwa ko Nzeyimana yahise afata amavuta ashyushye yatuye umugore we yari agiye guteka imboga ayamumena ku maguru aramutwika bikomeye.

Umugore yatabaje ubuyobozi n'Inzego z'umutekano barahurura, umugabo arabacika, umugore ajyanwa ku Kigo Nderabuzima cya Nyakarenzo na ho bahita bamwohereza mu Bitaro bya Mibilizi, aho akirembeye kugeza n'uyu munsi.

KOMEZA KU RUP.21





IBIKURIKIRA URUP.20

Nzeyimana yakomeje gushakishwa ku bufatanye bw'ubuyobozi n'abaturage, bamusanga mu Kabari kari mu Mudugudu wa Nyamagana.

Bivugwa ko muri ako kabari yanywaga amafaranga yavuye muri avoka z'umugore yagurishije muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) mu gihe yari kwa muganga.

Akimara gufatwa yahise ashyikirizwa Sitaiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Nyakarenzo, ngo akorerwe dosiye agezwe imbere y'ubutabera.

Si ubwa mbere akubita umugore we basezeranye byemewe n'amategeko, bafitanye umwana umwe w'umukobwa n'abuzukuru 2, kuko binavugwa ko yajyanywe mu KingoNgororamuco yabanje kumukubita.

Umwe mu bayobozi b'Umudugudu yagize ati: "Amaze kunanirana mu Mudugudu wacu wa Mugerero, kuko



Nzeyimana yatwikishije umugore we amavuta

uretse guhoza umugore we ku nkoni, anafite ingeso yo kwiba imyaka mu mirima y'abaturage, akagera nubwo atobora inzu zabo akinjiramo akabiba."

Ubwo yari aherutse gukubita umugore we yarafashwe, agejejwe ku biro by'akagari ka Kabuye, hategerejwe ko inzego z'umutekano zimutwara, yaciye mu rihumye abari aho yiba imashini idoda mu zari aho zari zigenewe urubyiruko,aracika, ayifatanwa atararenga umutaru ni bwo yajyanwaga muri iyo Transit center yari amazemo amezi 3."

Yavuze ko ikibabaje cyane ari uko umugore we ubuyobozi bumubwira gutanga ikirego kuri RIB cy'iryo hohoterwa akorerwa akanga avuga ko amureze bakamufunga noneho yazafungurwa amwica.

Banamubaza niba yifuza gutandukana na we aho kugira ngo azamwice cyangwa amumugaze, umugore agaceceka, ubuyobozi bukabura icyo bukora.

Ati: "Nk'ubwo ubwo yari aherutse gufatwa yibye iyo mashini ku kagari, yari afashe igitoki umugore yari agiye guteka ajya kukigurisha, umugore avuze aramuhondagura amugira intere none ataranamara ukwezi agarutse aramutwitse.

Iyo bamujyanye Umudugudu ugira amahoro, yagaruka tugahungabana. Turifuza ko yakwigishwa kuko na Mituweli bayitangirwa n'abaturage kandi ayo abonye yose arimo n'ayo akura mu gusahura urugo ayatsinda mu kabari. Ibya Mituweli ubona ntacyo bimubwiye."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyakarenzo Dushimimana Baptiste, ashimira cyane abaturage bagize uruhare mu ifatwa rye, akavuga ko ibibazo by'ubujura, gukubita no gutwika umugore we bitakwihanganirwa, ari yo mpamvu yafashwe ngo abiryozwe.

Ati: "Ntabwo yakomeza guhungabanya umutekano w'urugo rwe n'uw'abandi ngo bishoboke, ni yo mpamvu ku bufatanye n'abaturage dushimira cyane, yashakishijwe agatabwa muri yombi. Afungiye kuri Sitasiyo ya RIB ya Nyakarenzo."

Yavuze ko amakimbirane yo mu ngo hari n'ahandi agaragara muri uyu Murenge, ariko bakomeje guhangana na yo bakangurira abayafitanye kuyareka.

# Kamonyi: Iterambere ry'abatuye Nyarubaka ridindizwa no kutagira amashanyarazi



Abaturage bavuga ko umuriro ubanyuraho wigira ahandi ku buryo wagarukiye kuri Paruwasi kwa Padiri

UWIZEYIMANA Aimable

***Abatuye mu Murenge wa Nyarubaka mu Kagali ka Gitare bavuga ko bifuza kugezwaho umuriro w'amashanyarazi, kuko kutawugira bituma hari ibikorwa batitabira gukora, bityo bikadindiza iterambere ryabo.***

Uwimpuhwe Marie Joseline umwe mu batuye mu Kagli ka Gitare, avuga ko kuba nta muriro w'amashanyarazi bafite, usanga usibye kubura aho bacomeka telefoni zabo n'ushatse gukora umushinga wo kogosha bidashoboka kubera ko nta muriro uhari.

Ati: "Hano muri Gitare umuriro wagarukiye ku Kiliziya gusa kuko ahandi ntawuhari, bityo kuba wakora agashinga ko kogosha ntabwo byakorohera kugashyira mu bikorwa kuko nta muriro tugira, twifuza rero ko ubuyobozi bwadufasha natwe umuriro ukatugeraho."

Mugenzi we na we witwa Hitimana Francois wo muri ako Kagali, avuga ko kutagira umuriro bituma bakora urugendo bajya gucaginga telefoni zabo rimwe na rimwe bakanazisiga ku muriro.

Ati: "Rero icyo nakubwira ni uko ikibazo cy'umuriro hano iwacu gihari kandi gituma tudindira mu iterambere kuko ntiwabasha gukora umurimo ukenera amashanyarazi, ikindi buriya dukora urugendo rutari munsi y'isaha tujya gucaginga telefone ndetse rimwe na rimwe ukaba wanayisigayo utanizeye umutekano wayo, rwose ubuyobozi bukwiye kudufasha kubona umuriro tnatwe ukava mu kizima."

Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi wungirije ushinzwe imibereho myiza, Uwiringiyimana Josee avuga ko iki kibazo cy'umuriro kigaragazwa n'abatuye mu Murenge wa Nyarubaka mu Kagali ka Gitare hari gahunda yo kugikemura.

Ati: "Hari ikibazo cyigaragazwa n'abatuye mu Murenge wa Nyarubaka mu Kagali ka Gitare, rero hari gahunda dufite mu Karere ka Kamonyi, yo gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi, ku buryo na bo bazagerwaho bakabasha kujya bakora ibikorwa bibateza imbere bakoresheje umuriro w'amashanyarazi."

Kubatuye akarere ka kamonyi basaga ibihumbi 450 849 bari mu ngo zigera ku bihumbi 116 378; abagerwaho n'umuriro w'amashanyarazi ni 66,8% bivuze ko abagera kuri 33,2% bataragerwaho n'umuriro w'amashanyarazi, bisaba ko hakomeza gushyirwamo imbaraga mu kugeza umuriro w'amashanyarazi ku batuye aka karere, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta ivuga ko abanyarwanda bagomba kuba bagerwaho n'umuriro w'amashanyarazi ku kigero cya 100% mu 2030.

# Karongi: Ibendera ry'Igihugu ryibiwe ku Kagari abaharinda basinziriye



**Umuzamu n'abanyerondo basinziriye bituma hibwa Ibendera ry'Igihugu ryari ku Biro by'Akagari ka Buhoro mu Murenge wa Gishyita mu Karere ka Karongi**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Ibendera ry'Igihugu ryari ku Biro by'Akagari ka Buhoro mu Murenge wa Gishyita, Akarere ka Karongi ryibwe, umuzamu n'abanyerondo babiri batabwa muri yombi kuko bavuga ko ryibwe mu gihe bose bari basinziriye.***

Abo bagabo uko ari batatu bafungiye kuri Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Gishyita mu gihe iperereza rikomeje, kandi ubuyobozi bufite icyizere ko bashobora gutanga amakuru y'ibura ryaryo.

Umwe mu banyerondo bakoze mu ijoro rimwe n'abatawe muri yombi, yavuze ko abo babiri bari bashyizwe ku Biro by'Akagari ka Buhoro ngo bafatanye n'umuzamu uhasanzwe, ariko bose bahageze barisinzirira.

Ati: "Bakangutse ahagana saa munani z'igicuku barebye ibendera bararibura. Umuzamu yahise ahamagara Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Buhoro amubwira ko ibendera ryibwe."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari yahise atanga amakuru ku Murenge, batangira gushakisha ariko kugeza ubu ngo iryo bendera ntirirabonekа.

Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gishyita Nsengiyumva Rwandekwe Songa, avuga ko iryo bendera rishobora kuba ryibwe kubera uburangare bw'abo barinzi babuze gukora akazi kabo bakisinzirira.

Ati: "Turacyashakisha ku bufatanye n'abaturage ntituraribona. Kuba bagiye bakisinzirira bose bakibagirwa akazi kabajyanye ni uburangare bukomeye cyane ni yo mpamvu bagomba kugira ibyo babazwa. Mu makuru batanga kuri RIB birashoboka kohari ikiza kumenyekana."

Yasabye abanyerondo n'abazamu guhoza imbere inshingano zabo, uwumva atari buzishobore uwomunsi bitewe n'impamvu zinyuranye akabivuga kare agasimburwa aho gutuma abantu batekereza ko acunze umutekano kandi yisinziriye.

# Gakenke: Hatangiye kubakwa ibiraro 10 biza twara miliyari 1.2 Frw

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke bwatangaje ko muri uyu mwaka wa 2025/2026 bwatangiye umushinga wo kubaka ibiraro byitezweho kuzura bitwaye miliyari 1 na miliyoni zisaga 235 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ni umushinga ugamije kurushaho korohereza abaturage b'Akarere ka Gakenke kiganjemo imisozi n'ibikombe guhahirana nta nkomyi.

bamaze kuhavunikira.

Bwanakweri Jean, umwe muri abo baturage, yavuze ko akenshi cyatezaga ingorane mu bihe by'imvura.

Ati: "Twahoranga ubwoba buri gihe kubera ikiraro cya Nyakaruru. Iyo imvura yagwa, amazi yuzuye, kandi hari abavunitse bakomeye kubera kunyerera ku kiraro. Ubu rero ubwo kigiye kubakwa tuzabona uko tujyana umusaruro wacu ku isoko, ndetse umuntu ajye ajya mu bukwe bwa mugenzi we atahire igihe ashakiye ku

Yagize ati: "Kugenda kuri kiriya kiraro cy'imbabari zinyeganyega cyangwa zitibatiba byari ikibazo gikomeye kuri njye. Nahoranaga ubwoba bwinshi bwo kugwa, kandi buri gihe nari ndwaye isusumira kwambuka ikiraro nka kiriya byarangoraga."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Gakenke ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Niyonsenga Aimé François, ashimangira ko bakomeje gushyira imbaraga mu koroshya ubuhahirane



**Ikiraro cya Nyakaruru kizaba cyubatswe ku buryo kizaba kiri mu kirere**

Muri ibyo biraro byatangiye kubakwa harimo icya Nyakaruru kirimo kubakwa mu buryo kizaba kiri mu kirere cyambukiranya imnkengero ebyiri z'umugezi.

Icyo kiraro cyari gisanzwe cyubakishijwe ibiti ariko giteje impungenge abaturage bavugaga ko cyashoboraga no kubateza impanuka.

Abo baturage bavuga ko yabangamiraga cyane abana n'abageze mu za bukuru kubera ko cyari cyarangiritse, bikabateza guhora bibaza uko bazakizwa uwo mugogoro cyane ko hari n'abagabo babiri bari

nta mpungenge zo gutwara n'amazi."

Habimana Emmanuel, na we yagize ati: "Iyo abana bavaga mu rugo bagiye ku ishuri twasigaranaga ubwoba ko bataza gutaha kubera ko iyo imvura yagwaga imbaho zaranyereraga ku buryo hari ubwo bamwe bagwamo. Twari twarafashe ingamba z'uko mu bihe byo gutaha haza umubyeyi mugenzi wacu akambutsa abana."

Sebazungu Joseph w'imyaka 68, avuga ko abageze mu za bukuru bagorwaga cyane no kwambuka iki kiraro bigatuma bahanyura barandaswe, ubuze umufasha agahera hakurya.

bw'abaturage, bikaba bizanoroshya ishoramari mu bice bitandukanye by'Akarere.

Yagize ati : "Muri uyu mwaka wa 2025 kugeza mu 2026, mu Karere ka Gakenke hateganyijwe kubakwa ibiraro 10 bizatwara amafaranga angana na 1235.389.622 Frw. Akarere kazatanga 484.155.846 Frw, mu gihe umuryango w'Abanyamerika witwa Bridge of Prosperity (B2P) uzatanga 741.233.776 Frw."

Akomeza asaba abaturage kuzafata neza ibiraro batangiye kubakirwa kugira ngo bizarusheho kubagirira akamaro mu gihe kirambye.






## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
UMURENGE WA REMERA

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Remera buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka ku buryo bukurikira:

| NOMERO Y'ISOKO | IZINA RY'ISOKO | IGIHE CYO GUFATA IBITABO (DAO) | IGIHE CYO GUFUNGURA AMABARUWA ARIMO IBICIRO | AHO AMAFARANGA AZATURUKA |
|---|---|---|---|---|
| TN/004/RMR/ 2025-2026 | Gukora ibyapa, bande role (bunners), certificates, pull up, stickers, invitation cards, service cards n'ibindi bikoresho bya graphic design bikenerwa n'Umurenge wa Remera | 08/10/2025 Saa yine za mu gitondo (10h00) | 10/11/2025 Saa yine n'igice za mu gitondo (10h30) | Umurenge wa Remera |
| TN/005/RMR/ 2025-2026 | Kubungabunga no gusana imashini n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga by'Umurenge wa Remera (maintenaince of IT equipments and other electronic machines) | 08/10/2025 Saa yine za mu gitondo (10h00) | 10/11/2025 Saa yine n'igice za mu gitondo (10h30) | Umurenge wa Remera |

Abifuza gupiganira aya masoko bazabona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya **08/10/2025** mu biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Remera nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5,000Frw) adasubizwa kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'amahoro (RRA). Amabahasha afunze neza arimo ibiciro byanditse n'imashini bigizwe n'inyandiko y'umwimerere imwe (1) n'amakopi atatu (3) agomba kuba yageze ku biro by'Umurenge wa Remera bitarenze tariki ya **10/11/2025** saa yine zuzuye (10h00'). Gufungura amabahasha bizakorerwa mu ruhame uwo munsi **saa yine n'igice (10h30')** muri sale ntoya y'Umurenge.

**Bikorewe i Remera kuwa 08/10/2025**

**RUGABIRWA Déo**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**
**MINEDUC**
**EAV NTENDEZI**
**P.O BOX 23 CYANGUGU**
**Tél : 0788852898**
**E-mail :** eavntendezi@yahoo.com

**ITANGAZO RY'ISOKO RY'IBIKORESHO BY'ABANYESHURI MU MWAKA W'AMASHURI WA 2025-2026**

Ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri rya **EAV NTENDEZI**, burahamagarira ba rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko hari isoko ryo kugemura ibikoresho by'abanyeshuri bizakoreshwa mu mwaka w'amashuri wa 2025-2026.
Ibigemurwa bigizwe n'**Ibikoresho by'ishuri, ibikoresho by'isuku, ibikoresho byo ku meza, bote n'igikapu.**

Amabwiriza y'ipiganwa araboneka mu biro by'umunyamabanga w'ikigo cya EAV Ntendezi mu masaha y'akazi guhera tariki ya 02/10/2025 kugeza tariki ya 14/10/2025 kandi ahabwa umuntu utanze bordereau iriho amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5,000rwf) adasubizwa yishyuriwe kuri konti y'ikigo **Nº 100000418026** iri muri Banki ya Kigali **(BK)** impamvu ***"gupiganira isoko"***

Impapuro z'ipiganwa zanditse neza kandi zifunze neza mu mabahasha, yanditseho inyuma "**Gupiganira isoko ryo kugemura ibikoresho by'abanyeshuri, umwaka w'amashuri wa 2025-2026 / EAV Ntendezi**"; zizatangwa zinafungurwe mu ruhame tariki ya **16 Ukwakira 2025 saa tanu za mugitondo.**

Bikorewe i Ntendezi, kuwa 02/10/2025

**NDASHIMYE Léonce**
**Umuyobozi w'ikigo cya EAV Ntendezi**

## ITANGAZO RY'ISOKO

MINEDUC
P.B:93 NYAMATA
EMAIL:etonyamata@yahoo.fr
TEL:0788557658/0788444212

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bwa NYAMATA TSS bufatanyije n'Akanama gashinzwe amasoko mu kigo baramenyesha ba rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babifitiye ubushobozi ko bashaka gutanga isoko ry'ibiribwa aribyo:Umuceri,amavuta,isukari n'umunyu.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iri piganwa bizaboneka mu biro by'icungamutungo guhera kuwa 08/10/2025 ,ababikeneye bazabihabwa nyuma yo kwishyura amafaranga adasubizwa **ibihumbi cumi (10,000Frws)** kuri konti no **00062-00309938-79** yitwa ETO NYAMATA iri muri Banki ya Kigali(BK).

Amabahasha afunze neza arimo ibyangombwa bisabwa by'umwimerere cyangwa kopi eshatu ziriho

Umukono wa noteri,imwe igomba kuba ari umwimerere bigomba kuba byagejejwe mu bunyamabanga

by'Ishuri bitarenze ku itariki ya 03/11/2025 saa yine za mu gitondo,gufungura bibe kuri iwo munsi iyo saha.

Bikorewe I Nyamata,kuwa 03/10/2025

MURASANYI KAZIMOTO Edmond
Umuyobozi wa NYAMATA TSS

## ITANGAZO RY'AKAZI

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**ADVERTISEMENT OF VACANT POSITION AT UR-HG LTD**

**FRONT DESK OFFICER**

University of Rwanda Holdings Group Limited (UR - HG Ltd) management is a limited company fully owned by University of Rwanda, (UR). Its business activities aim to optimize UR assets for the benefits of University.

The management of UR-HG Ltd is seeking to recruit a motivated and experienced Front Desk Officer to serve in its branches located in Kigali City.
For more details, please visit the UR-HG Ltd and University of Rwanda websites at:
- **https://holdingsgroup.ur.ac.rw/**
- **https://www.ur.ac.rw**

| Position& Grade | Job summary | Key basic requirements | Number |
|---|---|---|---|
| Front desk officers (G-2C) | Handle cash collection and client orientation at front desk | 1. A recognized university degree (A0) in Accounting, Finance, or a related field. 2. Professional course in progress (ACCA or CPA). 3. A minimum of 2 years of relevant experience, preferably within a healthcare facility. 4. Candidates must be under 35 years of age. | 1 |

Interested applicants should submit copies of Application letter, C.V, copies of degrees and/or certificates and Identity cards or passports as single pdf by email to: hrurholding@gmail.com, with cc to: ceo.urholdings@gmail.com, fm.urhg@gmail.com , not later than Tuesday 14/10/2025 at 5:00 p.m. Short listed candidates will be contacted for written test.

**Done at Kigali 09/10/2025**

**UR-HG Ltd**
**Management**

# Okkamah yashyize umucyo ku mubano we na Kevin Kade



Okkamah yagize icyo avuga ku mubano we na Kevin Kade

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Okkamah yashyize umucyo ku mubano we na Kevin Kade bahora mu ntambara y'amagambo, haba mu itangazamakuru no ku mbuga nkoranyambaga.***

Abo bahanzi bombi bize ku Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ryigisha umuziki, rizwi nko ku Nyundo, aho bahoraga bahigana ubutwari ku buryo byavuyemo guhora baterana amagambo bigatuma benshi babona ko baba bafitanye ikibazo.

Ibijyanye n'umubano wabo, Okkamah yabigarutseho mu ijoro ry'itariki 11 Ukwakira 2025, mu gitaramo yizihirijemo isabukuru y'imyaka itanu amaze mu muziki.

Akigera kuri Kigali Universe ahabereye icyo gitaramo yanamurikiyemo 'EP' (Extended Play) yise Nyamabara, Okkamah yaganiriye n'itangazamakuru avuga ko nta kibazo agirana na Kevin Kade.

Yagize ati: "Kevin Kade nta kibazo twigeze tugirana ariko n'umukino w'iteramakofi ubaye waba ukenewe."

Okkamah avuga ko EP ye ya kabiri yayise Nyamabara kubera ko yashakaga gusobanura ko umuziki ugira amabara atandukanye kandi yose aba ari meza.

Ati: "Nabanje kubihuza n'amabara asanzwe y'umuziki. Kuko buri njyana iba ifite amabara yayo niba ari gakondo iba ifite ukuntu bayibyina bituma igaragaza rya bara ryayo, hanyuma hakaza na 'nyamabara' twita y'ibidasanzwe."


Mu gitaramo cyo kwizihiza imyaka itanu Okkamah amaze mu muziki yari yashyigikiwe n'ibyamamare bitandukanye birimo Afrique, Bill Ruzima, Faysal, Might Pop n'abandi benshi bagiye baririmba muri icyo gitaramo.

Ni igitaramo yaririmbiyemo umugore we bakanabyinana, bikaba agahebuzo ubwo yaririmbaga indirimbo yahimbiye umwana we.

Tariki 14 Ukwakira 2020 ni bwo Okkama yasohoye indirimbo ye ya mbere yise 'Toto'. Nyamabara EP igiye ahagaragara ikurikiye iya mbere yiswe 'Ahwi' yashyizwe ahagaragara mu 2024.




Okammah yacurangiwe na Might Popo basusurutsa abitabiriye igitaramo




Umukunzi wa Tessy yasabye irembo umuryango wa Tessy

# Shizzo yasabye irembo umuryango wa Tessy

SHEMA Ivan

***Umuryango w'Umuraperi Shizzo wagiye gufata irembo mu muryango wo kwa Tessy bitegura kurushinga.***

Ni umuhango wabaye kuri uyu wa 11 Ukwakira 2025 witabirwa n'ibyamamare bitandukanye birimo Clapton Kibonge, Zeotrap, MicoThe Best, Diplomate na Hussein Habimana wakiniye amakipe arimo Rayon Sports na Police FC.

Muri Kamena 2025, ni bwo Shizzo yambitse impeta Tessy muigikorwa cyabereye mu Mujyi wa Dubai muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu.

Inkuru y'urukundo rwa Tessy na Shizzo yatangiye kumenyekana mu mpera za 2024, ariko impande zombi ntizikunde kubishyira ku mugaragaro.

Shizzo uba muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika yavuzwe mu nkuru z'urukundo ubwo yakundanaga na Alliah Cool baje gutandukana mu 2020.

Yvonne Kayitesi uzwi nka Tessy, yakoze ku Isango Star, ubu asigaye akora mu kiganiro 'This & That' gitambuka ku muyoboro wa YouTube ahuriyeho na Blandy Star.





# Amavubi yatsinzwe na Benin, asezererwa mu gushaka itike y'Igikombe cy'Isi



Inzozi z'Amavubi zo kujya mu Gikombe cy'Isi zarangiriye i Kigali




Abafana b'Amavubi baje ari benshi gushyigikira ikipe y'Igihugu

SHEMA Ivan

***Ikipe y'Igihugu 'Amavubi yatsinzwe na Benin igitego 1-0 isezererwa mu mikino yo mu gushaka itike y'Igikombe cy'Isi kizaba mu 2026.***

Uyu mukino w'umunsi wa cyenda wo mu Itsinda C wabaye ku mugoroba wo ku wa Gatanu, tariki ya 10 Ukwakira 2025, kuri Stade Amahoro witabirwa na Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'abandi banyacyubahiro.

Wari umukino ukomeye hagati y'impande zombi kuko buri kipe yasabwaga gutsinda ikongera amahirwe yo gukina igikombe cy'Isi

Umutoza w'Amavubi, Adel Amrouche, yari yakoze impinduka imwe ugereranyije n'ikipe yabanjemo ku mukino wa Zimbabwe yatsinze.

Nshuti Innocent wari ufite amakarita abiri y'umuhondo icyo gihe, yisubije umwanya we wari wafashwe na Biramahire Abeddy.

Amavubi yatangiye umukino yiharira cyane umupira hagati mu kibuga.

Ku munota wa 30, amakipe yombi yakomeje gukinira cyane mu kibuga hagati nta n'imwe itera mu izamu.

Ku munota wa 41, Mugisha Bonheur yinjiranye umupira mu kibuga hagati, awuhereza Bizimana Djihad awuteye ishoti, umunyezamu Marcel Dandjinou arawuhoza mbere yo guhaguruka byihuse akawufata neza.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa.

Amavubi yongeye kugarunakana imbaraga nyinshi mu gice cya kabiri isatira cyane harimo uburyo bwahushijwe na Niyomugabo Claude ku mupira yatereye mu rubuga rw'amahina, ukurwamo n'umunyezamu Marcel Dandjinou mbere y'uko Nshuti Innocent ararira.

Ku munota wa 65, Benin yatangiye gusatira izamu ry'Amavubi ndetse ibona koruneri ebyiri zikurikiranya ariko ba myugariro bakomeza guhagarara neza.

Ku munota wa 75, Umutoza w'Amavubi yakoze impinduka Ruboneka Bosco asimbura Kwizera Jojea.

Ku munota wa 79, Benin yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tosin AAjyegun nyuma yo gusohoka nabi kwa Ntwari Fiacre no guhagarara nabi kwa ba myugariro.

Umukino warangiye Amavubi yatsinzwe na Benin igitego 1-0 amahirwe yo kujya mu gushaka itike y'Igikombe cy'Isi kizaba mu 2026 arayoyoka.

U Rwanda rwagumye ku mwanya wa kane n'amanota 11.

Benin yiyongereye amahirwe yo kujya mu Gikombe cy'Isi kuko yagize amanota 17 ku mwanya wa mbere.

Afurika y'Epfo yanganyije na Zimbabwe ubusa ku busa, igira amanota 15 ku mwanya wa kabiri.

Ni mu gihe Nigeria yagize amanota 14 ku mwanya wa gatatu nyuma yo gutsinda Lesotho ibitego 2-1.

Amavubi azasoza iyi mikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi yakirwa na Afurika y'Epfo ku wa kabiri, tariki 14 Ukwakira 2025.



Perezida Paul Kagame yakurikiye umukino ari kumwe na Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire na Perezida wa FERWAFA, Shema Fabrice

Imvaho Nshya
# Siporo




NO .E-34 TARIKI 7 - 13 UKWAKIRA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Corentin Denolly yegukanye icyumweru cya mbere cya 'Rwanda Open M25' ku nshuro ya 3



Corentin Denolly



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo, Rwego Ngarambe, ni we washyikirije Denolly igihembo



Umunya-Malaysia Darrshan Suresh n' Umuhinde Aditya Balsekar begukanye umwanya wa kabiri mu bakina ari babiri



Karenzi Thйoneste uyobora Ishyirahamwe rya Tennis mu Rwanda, ahemba Maik Steiner wabaye uwa kabiri mu bakina ari umwe

**SHEMA Ivan**

***Umufaransa Corentin Denolly yegukanye icyumweru cya mbere cya 'Rwanda Open M25' nyuma yo gutsinda Umudage Maik Steiner amaseti 2-1 (6-0, 5-7, 7-6(2)) kuri iki Cyumweru.***

Uyu mukino wa nyuma wabereye ku bibuga bya Tennis biri muri IPRC Kigali, ahakinirwaga iki cyumweru cya mbere kuva ku wa 6 Ukwakira.

Witabiriwe n'abarimo Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo, Rwego Ngarambe; Umuyobozi Mukuru wa TG Automobile Technology, Wang Yu; Perezida w'Ishyirahamwe ry'Umukino wa Tennis mu Rwanda (RTF), Karenzi Théoneste na Visi Perezida w'Agateganyo muri iri Shyirahamwe, Lt Col (Rtd) Fidèle Kamanzi.

Ni ku nshuro ya gatatu Denolly yegukanye iri rushanwa ribera i Kigali kuva mu 2023.

Kwegukana iri rushanwa byatumye ahabwa amadolari ya Amerika 4 612 n'amanota 25.

Bakina ari babiri, Umudage Maximilian Homberg ari kumwe n'Umubiligi Martin Van der Meerschen batsinze Umunya-Malaysia Darrshan Suresh n'Umuhinde Aditya Balsekar amaseti 2-0 (6-4, 6-4).

Icyumweru cyaryo cya kabiri kizakinwa guhera ku wa Mbere tariki ya 13 Ukwakira kugeza ku Cyumweru tariki ya 19 Ukwakira 2025.